# Kugerageza Gukorera Imana Umurimo Bitari Ubushake Bwayo

Jeffersonville, Indiana USA

18 Nyakanga 1965

1 Reka tugume duhagaze noneho mu kanya gato mu gihe turimo gusenga. Reka twubike imitwe yacu.

Mwami, tunejejwe muri iki gitondo no kugaruka mu nzu y'Imana muyandi materaniro. Kandi turasenga Mana kugira ngo udukosore muri iki gitondo kubw'amakosa yose. Utwereke inzira iyo Wateguye kugira ngo tuyigenderemo, kandi Uduhe ubuntu Bwawe n'urukundo, kugira ngo dukurikire izo nzira n'amabwiriza hamwe n'umutima wacu wose, kugira ngo tuzasangwe kuri wa munsi muri Kristo, nta mugayo, kubera ko twizeye, Mwami, ko kuboneka Kwawe kuri hafi.

Tubona ibimenyetso byose ibyo yavuze ko bizaba mbere yo kuza kwe birimo bisohora. Kandi hamwe n'umunezero dutegereje icyo gihe. Nkuko Abraham wa kera yari ategereje umwana w'isezerano, kandi mu kureba ibyo bimenyetso bya nyuma by'Imana imanutse kw'isi, noneho amenya ko bitazatinda ko umwana aza. Kandi noneho, turabibona byisubiramo. Yesu yaratubwiye ngo igihe tuzabona ibi bitangiye kubaho ngo tuzubure imitwe yacu, kubera ko gucungurwa kwacu kuzaba kuri bugufi: kubwo imidurumbanyo y'igihe, impagarara hagati y'ibihugu, imitingito ahantu henshi hatandukanye, inyanja ihuma, imitima y'abantu icitse intege kubera ubwoba.

Kandi turabona ko turi kuri ya saha aho ibihugu bitazi icyo bikwiriye gukora, indi ntambara ikaba ije, niko bisa. Mbega ikintu giteye ubwoba. Isi irimo irajya iruhande, abashakashatsi bavuga ko hari ikintu giteye ubwoba kiri hafi… Tubona Bibiliya ibivuga. Hanyuma, Mwami, udufashe guhagarara muri iyi nzu yo kwikosoreramo kandi tugafata amabwiriza aturutse ku Mana yacu yo gukomeza imbere tukava muri iyi saha y'umwijima kugira ngo tujye mu Mucyo urabagirana, kubera ko bishobora kuba ariyo mahirwe yacu yanyuma yo gukora gutyo. Kubera ko tubisabye mw'Izina rya Yesu no mu bushake Bwe. Amena. Mushobora kwicara.

2 Nyakuri nshishikajwe n'aya mahirwe akomeye yo kuba hano muri uru Rusengero muri iki gitondo. Kandi mwihangane kuko tutadifite icyumba cyo kwicaramo hano kubwanyu. Kandi aha hantu hakaba huzuye, kandi kubwo guhagarara ahantu hose hanze… Mwebwe abari hanze, murumva ibi ku maradiyo yanyu, nibagiwe...[Mwenedata Neville abwira Mwenedata Branham umurongo bashobora kumviraho—Ed.]...55 kugera kuri 57. Mwebwe bantu bari hanze aho bahagarika imodoka ndetse no ku duhanda, mushobora kumva ibi ku maradiyo yanyu kuri 55 na 57 ku mirongo yo kumaradiyo yanyu.

Nuko twagerageje… Narimo ngaruka, kugira ngo, ngaruka hano kugira ngo mare iminsi icumi y'amateraniro kugira ngo tuvuge ku nyigisho y'Inzabya Ndwi Zanyuma; kubera ko hagati muri izo Nzabya harimo Impanda. Kandi narimo mbabwira igihe nari ngiye kwigisha ku ku Mpanda Ndwi, ko nzabizanira hamwe n'Inzabya ndetse n'Ibyago. Kandi ndatekereza ko bizaba ari igihe cyiza; nagarutse mva muri Afurika; kandi abana ntabwo bigeze bajya mu biruhuko byabo. Umuhungu wanjye muto Joseph, yari akeneye ibyumweru bike kugira yige gusoma. Yatsinze neza, ariko ntabwo yageze ku gipimo, bityo twamurekeye Tucson nuko igihe nari muri Afurika, kandi yajyaga kwiga gusoma no kugerageza gufata abandi mu masomo yihariye. Nuko hanyuma turagaruka. Kandi naratekereje, mu gihe abana barimo bajya mu biruhuko, nagombaga kugira amateraniro mato hano hamwe n'abantu maze nkigisha kuri ibi byigisho. Ariko igihe twageze hano, twasanze tudashobora kubona icyumba cy'ishuri.

3 Kandi narinziko Urusengero rutari ruhagije kwakira abantu kandi ngo bicare neza uburyo bumva bisanzuye mu gihe ndimo kwigisha ubu butumwa; kubw'ibyo, twagombaga kureba uko twakora imyiteguro. Kandi aho kugira amajoro icumi nkuko twateganyaga kubikora, nuko, nabihinduyemo amateraniro abiri Kucyumweru: iki Cyumweru, Icyumweru gitaha, ndetse n'ikindi kizakurikiraho, amateraniro abiri, kandi ntabwo twabitangaje. Kandi noneho, niba hari umuntu wumvishe ko amateraniro yagombaga gutangira kuri makumyabiri n'umunani ku cyumba cyo kwishuri, niba Imana ibyemeye, ibyiza, niba ufite inshuti yawe kandi akaba yaramaze gufata umwanya aho mu macumbi, nabihindura (Murabona?), ntabwo bidushobokeye kuhabona; ntabwo tubashije kubona icyo cyumba cy'ishuri.

4 Kandi noneho, ndashaka kuvuga ku murimo w'ivugabutumwa kuri iki Cyumweru mu gitondo. Kandi ku Cyumweru nimugoroba ndashaka gusengera abarwayi. Kandi twizeye ko Imana izahura namwe murwaye. Ntabwo nzi ukuntu Bill ari buze kubitaho, ndatekereza ko, gutanga amakarita yo gusengerwa, cyangwa ubundi buryo bwo gushyira gahunda mu materaniro. Ariko turaza gukora uko dushoboye kugira ngo dusengere buri muntu muri ibi byumweru bitatu bikurikiyeho ibyo duteganya kugiramo amateraniro, niba ari ubushake bw'Imana.

Kandi noneho, inshuro nyinshi hari ibiganiro n'umuntu ku giti cye, umuntu aba ashaka ku kureba umunota umwe ku kintu runaka cyangwa ibintu nk'ibyo. Nibangahe hano bashaka ko tubonana ku giti cyabo, reka turebe ibiganza byanyu. Mbega. Niba batabishaka?

Birasa nkaho biza kugorana kubabona, noneho mwandike ibyifuzo byanyu maze mubinyohereze mubihe Billy, nyuma nshobora kuza kubibona aho. Kandi noneho, araza kubitangaza, ndakeka, amakarita yo gusengerwa, igihe cyose ashobora gutangwa.

5 Ni benedata bangahe b'abakozi b'Imana bari hano muri iki gitondo? Ntabwo twagize amahirwe… ntabwo nkeka… yo kubona kanya ko kubakira? N'ababwiriza bangahe bari hano muri iki gitondo? Mwashobora kuzamura ibiganza byanyu, cyangwa mugahaguruka. Reka turebe ni ababwiriza bangahe bari mu materaniro muri iki gitondo. Nibyo, Byiza. Ndashima Imana kubw'aba bantu. Twifuzaga ko twabona umwanya mukatwibwira buri wese muri mwe, ariko ndizera ko murimo kubareba kandi Imana irabazi mu mirimo yabo; kandi turasenga ngo Imana ibahe umugisha cyane. Nta gushidikanya benshi muribo bafunze insengero zabo kugira ngo babe hano: Mwenedata Junior Jackson, kandi ndakeka, Mwenedata Don Ruddell. Kandi iyi nsakazamajwi irimo kugera mu nsegero zabo. Kandi no haruguru muri New York ndetse n'ahandi hose mu gihugu ibi binyuze kuri telefone zigenga muri buri rusengero muri iki gitondo.

6 Ndanezerewe kubona ko Mwenedata Richard Blair ari hano. Nasomye urwandiko rw'ibintu bikomeye Imana yakoze mu bantu hariya. Undi munsi, nkuko mbizi (ahari nshobora kubivuga nabi, Mwenedata Blair; nimbivuga nabi, unkosore.), yarimo akora, arimo afasha umuntu gushyira amashanyarazi muri ka rumoroke cyangwa ikindi kintu, ndizera ko aribyo. Nasomye urwandiko. Maze banyuranya ibintu; maze kubwiyo, bituma amashanyarazi ajya mu mazi aho umuhungu muto yarimo (Umwe mu bahungu b'uwo nyiri karumoroke, umusore muto), maze yica uwo musore muto. Maze inda ye irambyimba tuzi uburyo amashanyarazi akubita, igihe uwo yakubise apfuye ibyo nibyo biba. Ayo maso mato yahamye hamwe; amenyo yafatanye.

Ibyo byakanze benedata cyane. Mwenedata Blair avuga ko yatekereje ko agomba kunsanga aho narindi kugira ngo musengere, ariko yibuka uko bimeze ko "aho babiri cyangwa batatu bateraniye mw'Izina Ryanjye, ko mba Ndi hagati muri bo." Kandi se w'umwana arikomeretsa ku ntoki arimo agerageza kwasamura umwana. Maze barapfukama batangira gusengera uwo muhungu muto, maze agaruka mu buzima nanone.

7 Ese ibyo ni ukuri, Mwenedata Blair? Umwe muri benedata beza hano… Yoo, uwo musore muto ari hano. Byiza, turashima Umwami. Ibyo nibyiza. Turifuza ko muhaguruka, muhungu. Noneho, turashima Umwami mukundwa kubw'ibi. Ese uyu niwe se w'umuhungu? Niwowe se? Nibyiza. Kandi hano hari Mwenedata Richard Blair. Imana yacu ishoboye gukora icyo aricyo cyose. Yego, mugabo. Yarabisezeranye. Turimo mu kugaragara kw'Imbere y'Ikomeye, Ifite ubwiza, Data wo mw'ijuru. Kandi ibi byose birashoboka niba dushobora kubyizera.

Murabona icyo ibyo bikora, murabona icyo ibyo byamariye uwo muntu kubyizera? Byarokoye umuhungu we muto. Noneho, Imana ifite abakozi bayo bakiranuka aho Mwenedata Blair n'abandi kugira ngo basengere uwo mwana muto igihe yari muri iyo mimerere. Yego, igihe ikintu runaka kibaye, mwibuke, muri abana b'Imana Ihoraho. "Aho babiri cyangwa abarenzeho bateraniye mw'Izina ryanjye, mba Ndi aho." Kandi nanone biranditswe ngo: "Ni umufasha utabura kuboneka mumakuba." Kandi niba hashobora kuba amakuba ayo ariyo yose, uriya muhungu yari aryamye aho hasi yapfuye kubera gukubitwa n'amashanyarazi ayo yamugiyemo... Bityo turashima Imana muri iki gitondo hamwe n'imitima yacu yose kubw'ibi bintu byo yakoze kubwacu.

Imana ihe umugisha aba bantu babakiranutsi nabo. Mu gihe cy'ikubagahu nicyo gihe cyo kureba Imana; kandi uyirebe kandi mugirane ubucuti mbere y'uko ikubagahu riza. Ibyo turabizi: Niba dutewe iteka n'Imana, dushobora gusaba icyo aricyo cyose, nkuko wabikora ku nshuti yawe iyo ariyo yose; kandi ni umufasha utabura kuboneka mu byago.

8 Nahuye na mushiki wa Mwenedata John Martin ku muhanda. Umuntu yarampagaritse ku muhanda maze umuntu ajya imbere kandi bazunguza ibiganza hejuru. Mukugaruka mu rugo, murazi, ubona abantu hose ugahagarara maze mukaramukanya ndetse n'ibindi. Kandi uyu mugore, ndibuka bampamagaye igihe umuntu yari yamukubise ikintu mu mugongo aho mu modoka, maze avuna urutirigongo rwe ndetse no hejuru no hasi. Yagombaga kuba paralize igihe cye cy'ubuzima gisigaye. Yicaye hano mu materaniro muri iki gitondo yishimira kugaragara kw'Imana. Narimo mvugana nawe mu cyumba; ndashaka kongera kumusengera, ndetse ari hano. Ndakeka atari bwongere kugarukamo hano. Ariko ari hano. Nyakuri, yicaranye natwe hano. Ibyo ni ukuri. Ese wahaguruka umunota umwe, mushiki wacu, abo bantu bashobora... Nguyu hano wa mugore muganga yavuze mu minsi mike ishize ko adashobora kugenda, wavunitse urutirigongo ndetse ibintu byangiritse; none nguriya aho ahagaze, wese. Murabizi ko Bibiliya ivuga iti, "kandi ntibashoboraga kugira ikintu babinenga, kubera ko umuntu yari ahagaze hagati yabo." Uko ni ukuri. Uyu ni wamuhungu wakuwe mu bapfuye, kandi nguyu hano wa mugore wari waravunitse urutirigongo, ahagaze hagati muri twe. Byaratunganye. Ni uko Ari uko yahoze ejo hashize, uyu munsi, ndetse n'iteka. Izina ry'Umwami rihabwe umugisha. Mbega ukuntu tunezerewe dukwiriye kuba ababa imbere Ye kandi tukamenya ko ari umufasha utabura mu gihe cy'amakuba

Turanezerewe kubana Mwenedata Vayle, Mwenedata Martin, benshi muri iki gitondo. Kandi Umwami abahe umugisha mwinshi cyane

9 Noneho, nziko hano ikirere kitameze neza kuri iri iteraniro ryose, ariko nyamara, igihe navuye Tucson undi munsi, byari nko mu 104-1050F; kandi hafi mu gicuku aba yari 930F, kandi ibi bituma numva nguwe

neza. Kandi kuri Parker bavuze ko byari nka 1400F mbere y'uko tuvayo. Kandi ushobora gutekereza uburyo hashyushye cyane. Kubera ko hariya ni mu butayu.

Kandi noneho, ibi Byumweru bitatu bikurikiyeho… Uyu munsi, kuri cumi na gatanu, ndibwira, ese nibyo, cyangwa kuri cumi na gatandatu? Ese si cumi n'agatanu? [Umuntu arasubiza ati, "Cumi n'umunani"—Ed.] Mu kwa munani… Makumyabiri na gatanu—kuri cumi n'umunanai, kuri makumyabiri na gatatu n'iyambere, hazaba amateraniro ku Rusengero. Noneho, ntimubibwire benshi, kubera ko (Murabona?), ntitwabona abarimo hano imbere, murazi, kandi byaba bibi cyane. Muze kugaruka niba mubishoboye.

10 Kandi ndihano kugira ngo mpuze abayobozi. Numva ndimo gusohoka muri ibyo bimbangamira uburyo bwo gukora amateraniro igihe numva nyobowe kubikora. Niko numva ntekereza ko ngiye kubasaba niba atari ibishoboka ko twashaka ihema ryacu maze tukarishyira hariya nuko tukaguma aho, kandi, murazi, dushobora gusohoka hano maze tukajya mu kibuga cy'umupira cyangwa hanze aho mu mirima hanyuma tukarivana ahantu hamwe turijyana ahandi nkuko Umwami atuyoboye. Kandi numva ibyo aribyo Igiye gukora. Murazi hari iyerekwa kubijyanye n'ibyo. Kandi ndatekereza ko iyo ariyo mpamvu ibi biba... Noneho, murazi, ibihe byinshi dutekereza ko ari ibiteye ubwoba kubera ikintu runaka cyabaye, ariko murazi, ibyo bishobora kuba Imana (Murabona?) kunyura mu bintu nk'ibi. Niba hari ikintu yavuze, izagikora.

11 Amajoro make ashize benshi muri mwe mbega nko mu kwezi kumwe mbere y'uko njya muri Africa… Benshi muri mwe ahari mufite amakasete (kuri mwe bantu mubona amakasete) ku bijyanye no "Guhitamo Umugeni," cyabwirijwe muri Califonia. Iminota yanyuma iheruka kuriyo kasete, ntabwo nibuka niba narimpari. Ariko Umwuka w'Imana waje muri ubwo buryo. Narimo mbacyaha kuburyo babaho n'uburyo bakora, kandi nyuma y'uko Ubutumwa bumaze kubwirizwa ndetse bugaragajwe cyane. Kandi muri ako kanya Umwuka Wera uvugira ahabona ndetse uravuga uti, "Capernawumu (Murabona?), umurwa wiyita izina ry'abamariyika (iyo ni Los Angeles.), warazamuwe ugera mw'ijuru, ariko uramanurwa igera hasi ikuzimu." Murabona? Kandi hanyuma nyuma y'ibyo byari birangiye, kuko, narindi hanze. Kandi Mwenedata Mosley na Billy yari kumwe nanjye, maze baravuga bati, basubiye inyuma maze bararebа, kandi aho hasi hose hari huzuye abantu, ababwiriza barimo gutaka.

12 Kandi naragiye maze mfata Ibibwiriza; ndavuga nti, "hari ikintu kubijyanye na Bibiliya." Kandi uwo yari Yesu warimo acyaha Kapernawumu, iyo migi yose yo hafi y'inyanja iyo yasuye. Kubera iki Yavuze ati, "Kaperinawumu, wazamuwe mw'ijuru, kandi uzamanurwa ikuzimu." Aravuga ati, "Kubera ko iyo imirimo yakorewe muri Sodomu na Gomorrah iyo iza kuba yarakorewe muri wowe, n'ubu iba igihagaze uyu munsi." Kandi icyo gihe Sodomu na Gomora yari ku ndiba y'inyanja. Kandi nyuma y'ibyo, ahari amajana y'imyaka cyangwa ikindi nyuma y'ubuhanuzi bwa Yesu, Caperinawumu, ariwo murwa wonyine wari kunkombe y'inyanja ariwo Yasuye, umutingito wayiroshye munyanja. Murabizi, icyo n'igisubizo cyuzuye cya Califonia, aho Los Angeles.

13 Kandi hanyuma aho Tucson undi munsi, nkuko nari nsubiye inyuma, umutingito ukomeye wabaye aho. Kandi abashakashatsi bari aho ku matereviziyo barimo babishushanya. Byari mu binyamakuru, ko isi undi munsi yasadutse guturuka ku kirwa cya Aleutian, nk'ibirometero maganatatu uvuye ku nyanja, ugaruka inyuma kugera San Diego, uragenda uzenguruka Los Angeles, kandi usohokana San Diego. Kandi uwo musate wari ufite za centimetero nyinshi. Amazu menshi yaraguye. Amazu y'amacumbi ararigita. Kandi umushakashatsi muri iki kiganiro yabajijwe, ati, "Nibyo, ese ibyo bishobora kugwa mu gihe runaka?"

Arasubiza ati, "Byashoboka? Bizababaho." Kandi yakoresheje amazina y'ubushakashatsi y'uburyo icyo gikoma kiva mu birunga icyo cyateye uwo mutingito aho hose muri San Diego kandi n'aho hepfo; byabaye aho muri icyo cyobo. Kandi noneho, byose bitangiye kugenda bisaduka nk'umucanga utemba. Kandi noneho, ni icyo gice cy'imbere mu butaka kandi cyatandukanyeho centimetero nyinshi. Bashoboraga gufata Radar ndetse n'ibindi, maze bagakurikira icyo uwo musate, kandi bakawugaragaza, bakabona aho wari uri. Kandi wasadutse inshuro nyinshi, ahari centimetero eshanu cyangwa zirindwi undi munsi nanone, nyuma y'uko ubwo buhanuzi butanzwe.

Kandi uwo warimo abaza uwo mushakashatsi yaravuze ati, "Cyokora, bishobora kutaba mu gisekuru cyacu."

Arasubiza ati, "bishoboro kuba mu minota itanu cyangwa mu myaka itanu, ariko izarigita."

14 Mrs. Simpson, ntabwo ntekereza ko ari kumwe natwe uyu munsi; cyangwa… Ndabona Mwene Data Fred yicaye hano, ariko ntabwo nzi aho Mrs. Simpson ari. Yaragiye maze afata ubuhanuzi nahanuye muri 1935 cyangwa ikintu nk'icyo, maze aravuga ati, "Igihe kizaza (Byanditse mu gitabo ahantu runaka.) ko inyanja izatembera mu butayu." Reba ibizaba. Niba ubwo buso bw'ibihumbi by'ibirometero bizagwa muri izo maguma maze bigatembera aho, hazaba za miliyoni z'abantu bazapfa icyarimwe. Kandi ibyo bizateza uwo muraba ukomeye... Mwibuke, byazimiye muri Salton Sea ariyo iri muri metero mirongwitatu cyangwa mirongwitandatu ku gipimo cy'inyanja. Ayo mazi azaza agere hafi muri Tucson hamwe n'uwo muhengeri unyura aho. kandi inyanja izishakira inzira mu butayu.

Amahanga arasenyutse;

Isiraheri irakangutse,

Ibimenyetso abahanuzi bacu bavuze mbere;

Iminsi y'abanyamahanga irabaze,

buzuye ubwoba

Mugaruke, Yoo mwe mwazimiye, mugaruke kubanyu.

Turi mugihe cya nyuma. Noneho, Umwami abahe umugisha mwinshi. Natangiriye kuri ibyo maze nibagirwa ibijyanye n'igihe. Bigiye kurangira vuba vuba twinjira mw'iteka.

15 Kandi noneho, muri Mariko igice cya Karindwi n'umurongo wa karindwi, kugira ngo mbashe gufata umutwe w'ikibwiriza turasoma mu I Ingoma 13. Kugira ngo nshyireho umurongo wo gushyigikira ibi ndashaka gusoma muri Mariko 7:7

Bansengera ubusa, Kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu.'

Noneho, Nta kindi nzi uretse Ubutumwa Umwami yampaye, kandi nibyo gusa nshobora kuvuga. Kandi noneho, ngiye kuvuga ku mutwe w'ikibwiriza muri iki gitondo uwo natekereje ko ari mwiza. Kandi nimugoroba ndashaka kuvuga, Inyama mu Gihe Gikwiriye, niba Umwami abishaka— "Ibyo Kurya byo mugihe Gikwiriye," kandi ni gute twabyakira. Noneho, kandi muri iki gitondo: "Kugerageza Gukorera Imana Umurimo Bitari Ubushake bw'Imana."

Imana ikora ibyo ishatse. Kandi tubona icyo Dawidi yakoze mu byanditswe dusomye mu I Ingoma 13. Ndetse we ibyo yari agamije byari byiza. Ariko Imana ntabwo idushimira ibyo tugamije byiza. Hari inzira imwe yo gukorera Imana; uko ni gukora ubushake Bwayo ku mategeko Yayo. Kandi Imana, kubwo Kuba Ukora Icyo Ashatse, nta numwe uhari wo kuyibwira icyo gukora cyangwa uko ikwiriye kugikora; Ibikora uburyo yo...Izi uburyo bukwiriye bwo kubikoramo. Kandi ibyo bigomba gutuma twumva tuguwe neza, kandi nzi neza ko ariko biri. Kubera ko umwe yashobora kuvuga ko bigenda gutya, undi akavuga ko bigenda kuriya, n'undi wundi nawe akazana indi nzira...

16 Ariko ikintu kimwe gikomeye nanone kubijyanye n'Imana, ntabwo Ijya itureka, noneho, utazi Ukuri icyo ari cyo ndetse n'uburyo ubikora. Ntabwo yaba ikiranuka iduhaniye ko twakoze ikintu cyo tutari tuzi uko gikwiriye gukorwa, kandi noneho igatuma tunyerera mu bintu. Ntabwo ari ubwo bwoko bw'Imana. Ni Imana ivuga Ijambo kandi ikaba yizeye ko abana ba Yo bazaryizera. Kandi hanyuma, Izi ibyiza cyane ibyo aribyo, kandi n'igihe cyo kubikora, n'uburyo bwo kubikora. Dufite ibitekerezo byacu kuribyo, ariko irabizi.

Kandi hanyuma, niba ishyizeho imikorere akaba ariko igiye Gukora kandi Ntitubwire ikigiye kuba n'uburyo bizagenda, noneho icyo gihe tubisitaraho twaba nta cyaha dufite muri uko gusitara kwacu, cyangwa mu kugerageza gukora ikintu; buri wese yaba ari mu kuri. Ariko hari uburyo bumwe kandi iryo ni Ijambo Ryayo.

17 Kandi ikindi kintu, Dawidi hano, tubona ko mu mutima we yashakaga gukora ikintu cyari cyiza. Nta ntego mbi yari afite cyangwa impamvu mbi, ariko inzu cyangwa isanduku y'Uwiteka yari kure y'ubwoko; kandi yashakaga kugarura isanduku y'Imana mu mwanya wayo, bityo abantu bagombaga kugisha Imana inama kubijyanye n'ibintu bashaka.

Aho kugira ngo babireke byitambukire gusa, twe… Byari kugenda bite iyo Mwenedata Blair na se w'umuhungu muto bavuga bati, "Nibyo, ni bibi, umwana yangiritse, yapfuye. Ndakeka, hari ikintu cyabaye"? Ariko bahise bihutira ku Mana.

Byari kugenda bite iyo uriya mugore muto n'umugabo we, umubwiriza w'Ubutumwa bwiza, amajoro make ashize cyangwa iminsi, igihe uriya mugore yavunikaga urutirigongo rwakagombye guhagarara… Muganga akavuga ati, "Agiye kuba paralize ubuzima bwe bwose." Byari kugenda gute iyo umugabo we, wenda akavuga ati, "nibyo, mukundwa, tugiye kwiyakira ubwacu kuri byo." Ariko byihuse bahise bakora ikintu kubijyanye nabyo; bajya ku Mana. Ndetse n'uburyo hari ibintu byinshi muri Bibiliya twareberaho uburyo abantu iyo bageraga mu byago, bajyaga ku Mana.

18 Nibyo noneho, mu minsi yabo bari bafite ahantu hamwe honyine ho guhurira aho bashoboraga guhura n'Imana, kandi aho hari kw'isanduku bari munsi y'amaraso. Aho niho hari ahantu honyine ho guhurira: Munsi y'amaraso. Intebe y'imbabazi bayitonyangirizagaho kugira ngo uwo muramya agirirwe imbabazi cyangwa usaba igihe aje kugira icyo asaba Imana. Kandi Imana yari ifite umugenzo udasanzwe, uburyo wagomba kugenda kubijyanye n'ibyo, kandi ntabwo yashoboraga kwemera ikindi kintu cyose. Ntabwo yari bwemere ubundi buryo bwo kubikora, uretse ubwo Yateganije.

Vuba ahangaha nabwirije ku butumwa (Benshi muri mwe muzi ibyabwo.), aho niho hantu honyine

Imana yateganije kugira ngo ihure n'umuramya, ahantu ho Yavuze iti, "Nzahashyira Izina Ryanjye." Tubashije kubona itorero Yashyizemo Izina Ryayo, ubwo tuba tubonye ahantu. Iravuga iti, "Ntabwo Nzabaha umugisha mu yandi marembo yose, uretse mw'irembo aho Nashyize Izina Ryanjye. Nzarishyira ahantu hamwe, kandi mugomba guhura nanjye hariya; kandi aho niho hantu honyine nzahurira namwe." Kandi dushakira aho ngaho Yashyize Izina Ryayo. Kandi aho niho hantu gusa aho ihurira n'umuramya; Kandi Izina Ryayo ryari Yesu Kristo. Izina ry'Imana ni Yesu Kristo.

19 Yesu aravuga ati, "Naje mw'Izina rya Data." Buri mwana wese aza mw'Izina rya se. Kandi yaje mw'Izina rya Data. Kandi nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, baba bitwa Abametodiste, Ababatista, Abapresbyteriani, Church of Christ, uburyo byakorwamo byose; hari ahantu hamwe Imana ihurira n'umuntu, kandi n'igihe ari muri Yesu Kristo: Aho hantu honyine. Kandi ibi bintu byose bya kera aha inyuma mw'Isezerano rya Kera bishushanya ibyo. Ndashaka ko mubisobanukirwa neza. Noneho, iyi ni inyigisho yo kucyumweru. Mfite Ibyanditswe bimwe ndetse n'inyandiko nanditse hano hasi. Kandi ndatekereza ko bishobora kubafasha gusobanukirwa, nkuko ibyo bintu byose byakera byabereyeho kutubera urugero.

20 Noneho, tubona ko Imana ifite uburyo bwo gukora ibintu, ariko Dawidi, kubwo guhabwa umugisha w'Imana nkuko yagomba guhinduka umwami, yatekereje ko yashoboraga gukorera imana ikintu mu buryo ubwo aribwo bwose. Ariko ntabwo yabigiyemo mu buryo buboneye.

Tubonako, Imana ihishura Ijambo Ryayo mu gihe Cyayo Cyateganijwe mbere. Noneho, ni gute Martin Luther yari kumenya ibijyanye n'ubu butumwa uyu munsi? Ni gute Abapresbyteriani… Ni gute Martin cyangwa Kiliziya Gaturika yari kumenya ubutumwa bwa Martin Luteri? Ni gute John Wesley yari kumenya ubutumwa bwa Luteri? Ni gute Wesley yajyaga kumenya ubutumwa bw'abapantekote? cyangwa ni gute abapantekote bari kumenya ubu Butumwa? Murabona? Ibuhishura mugihe cyabwo, kubera ko Ryo ni Imbuto; kandi uko rikura ndetse rigera ku kigero cy'ubukure Ryihishura Ubwaryo

21 Ikenera ubushyuhe bw'izuba kugira ngo yifungure. Igihe igiteye impuhwe ikiri nto, riyisohora mu butaka, imbuto, hanyuma ikazana ibibabi ku rwego rundi rw'izuba. Izuba ryaka cyane rishobora kuyica niba ari igihe cyayo cyo gusarurwa. Niko iringaniza igipimo cy'izuba ndetse ikaringaniza imimerere kugira ngo ihure n'Ijambo Ryayo. Iringaniza igipimo cy'itorero, abamenywe mbere, Umugeni, kugira babe bahuye n'igihe bari kubamo.

Habe n'ibyaremwe ubwabyo uyu munsi, nkuko tubona amahanga asenyuka, isi irimo kurigita; inyandiko iri ku gikuta. Tubona itorero n'imimerere ririmo. Tubona Umugeni n'imimerere arimo. Kandi tumenya binyuze mu byaremwe ko itorero ririmo kwitegura kugenda. Mbega igihe cyiza. Ni igihe ubwo abahanuzi bose bifuje kubona iyi saha.

22 Noneho, Ihishura Ijambo Ryayo mu gihe Cyayo gusa. Martin Luteri yasomaga Bibiliya imwe nk'iyo dusoma. Wesley yasomaga Bibiliya imwe nk'iyo Martin Luteri yasomaga. Abapantekote basoma Bibiliya imwe nk'iyo dusoma. Yesu yasomye Bibiliya imwe nk'iyo Abafarisayo basoma, ariko bari bafite... Bagerageje kugumisha impeke ku kigero cyayo cya kera, bananirwa kubona isaha yabo.

Noneho, Dawidi yakoze ibintu bimwe hano. Imana ihishura iri Jambo mu gihe Cyaryo no kuwo Yahisemo kurihishurira. Imana yahisemo uwo Ikwiriye kurihishurira. Yamuhisemo mbere y'uko imfatiro z'isi zibaho. Ibyo azakora byose byamenywe mbere na Yo, bihishwa umuntu; Ibihishura uko Ibishatse. Kandi ntabwo yigeze ihitamo igice cyangwa abanyagice; ni umuntu watoranijwe. Uko niko ibikora...

23 Ni nde watinyuka kuyikosora maze akavuga ati, "Noneho, Mwami, Wakoze amakosa yo kuba warashyize uyu muntu mu murimo. Uyu muntu ntabwo yizera nkuko twizera." Ninde ushobora kubwira Imana yabikozemo amakosa? Byasaba umuntu wananiranye kundusha kugira ayibwire ibyo. Izi ibyo Irimo gukora. Izi uwo igomba gutoranya n'uwo idakwiriye gutoranya, n'icyo agomba gukora n'igihe akwiriye kubikoramo. Uko twatekereza ko umuntu runaka yujuje ibisabwa kugira ngo akore umurimo runaka, Imana izi uwo wujuje ibisabwa kubw'iyo saha n'igihe, cyangwa isaha n'igihe gikwiriye ko bikorwamo.

Kandi uwo w'ukuri, Umukristo nyakuri, uwo w'ukuri, umwizera w'ukuri mu Mana, ategereza Imana kuri ibyo bintu. Tegereza umurimo wawe. Niba wumva umuhamagaro, ube uzi neza ko ari Imana. Ube uzi neza ko bikwiriye. Ube uzi neza ko bihuye n'igihe cy'ibyo uri kuvuga. Bibiliya iravuga, "Abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege. Bazaguruka ku mababa nk'ibizu. Baziruka kandi ntibazananirwa. Nibagenda, ntibazaruha."

24 Mwitegereze Dawidi, umwami w'abayisiraheli, yari asizwe. Samweli yari yamusutseho amavuta, kandi yari yatoranijwe n'Imana kugira ngo abe umwami w'Abayisiraheli. Kandi Dawidi yari afite uku guhishurirwa ko kuzana isanduku y'Uwiteka aho haruguru mu murwa wa Dawidi. Noneho, nta kintu kibi cyari gihari, ariko murabona, Dawidi yabigiyemo nabi.

Noneho, bisa nkaho iyo umuntu nk'uwo agize guhishurirwa, umuntu ukomeye umeze nk'umwami Imana yatoranije (Umwami ukomeye cyane waba warigeze uba kw'isi ukuyemo Kristo, ndakeka, yari

Dawidi, kubera ko Kristo yari Umwana wa Dawidi.)… Noneho, umuntu ukomeye cyane, wari umaze gusigwa amavuta vuba aho, avuye imbere y'Imana neza neza, afite guhishurirwa ko hari ikintu agiye gukorera Imana kandi yashakaga kubikorera Imana, ariko guhishurirwa kwari gupfuye. Noneho, icyo cyari ikintu gikomeye. Ibi bihura n'iki kibwiriza cyacu: "Kugerageza Gukorera Imana Umurimo Itigeze Iguhamagara ngo Uwukore."

25 Mwitegeze, Dawidi yari afite guhishurirwa. Kandi mwitegereze, ntabwo ari umuhanuzi Natanayeli wakiriye guhishurirwa; yari Dawidi umwami niwe wabonye guhishurirwa. Nta nubwo Natanayeli bigeze bamugisha inama kubijyanye nabyo. Ntabwo yigeze abaza Natanayeli. Ariko mwabonye hano mu I Ngoma, yagishije inama abatwara ibihumbi n'abatwara amajana. Ntabwo yigeze agisha inama Natanayeli. Yagishije inama abantu, kandi agisha inama abatambyi ndetse n'abanyatewologiya b'icyo gihe, abanditsi n'abanyatewologiya. Dawidi nibo yabanje kugisha inama, aravuga ati, "Niba ibi ari iby'Imana, reka tumanuke maze tuzane isanduku y'isezerano y'Imana yacu tuyizamure mu murwa, noneho reka tugishe Imana inama mbere y'uko dukora ibi bintu."

26 Baravuga bati mu minsi ya Sawuli bari bararetse kugisha Imana inama binyuze kw'isanduku, Urimu na Tumimu; bari bararetse kujya muri ibyo. Kandi Dawidi aravuga ati, "Noneho, reka tugaruke ku Mana, twese hamwe. Reka tugaruke ku kintu cy'ukuri. Reka tumanuke maze dufate isanduku nuko tuyizane hano (tuyizane Imbere y'Imana, muyandi magambo, mu murwa). Reka tugire ububyutse. Reka tugarure abantu." Ariko yari afite guhishurirwa, gusa nkaho ari kwiza, ariko ntabwo bwari ubushake bw'Imana.

Aho kubaza kw'isoko aho yakagombye kubariza, yagishije inama abatware be, kubera ko yagombaga guhinduka umwami, kandi akurikira uwo murongo w'ibitekerezo, ko aba batware bakuru n'abagabo bakomeye…

Hanyuma ajya mw'itorero ry'izina maze arababaza niba bashobora kugira ububyutse: abatambyi, abanditsi, abatwara ibihumbi, abatwara amajana, kandi abagisha inama, "Ese ibi ni ubushake bw'Imana?" Kandi baravuga bati nibwo. Ariko, murabona, ananirwa kubaza aho ibintu bituruka h'ingezi ariho Imana yahoraga inyura iminsi yose (Murabona?); ananirwa kubibona.

27 Noneho, icyo yashakaga cyari cyiza. Icyo yari agamije nacyo cyari cyiza. Intego ze zari nziza, ariko kuzana ububyutse mu murwa, kugarura abantu ku Mana. Ariko ntabwo yigeze agisha inama inzira Imana yamubwiye gukora. Murabona?

Yewe n'abantu bose bemeranyaga nawe ndetse n'abatambyi ko umwami ari mu kuri. Bashakaga ko isanduku igaruka mu murwa. Noneho, bashakaga Kugaragara kw'Imana. Bashakaga ububyutse. Ariko Imana ntabwo yari yarigeze isezerana guhishura Ijambo Ryayo mu gihe cya Ryo binyuze mu bantu. Ntabwo yigeze isezerana kurihishurira umwami mu gihe cyaryo. Imana ntabwo ijya ihinduka na gato. Ntabwo yigeze isezerana ko izakora ibyo.

28 Uko waba uri umunyakuri kose, ndetse n'icyo waba ugamije cyose cyiza, ndetse n'intego nziza waba ufite, ndetse n'uburyo abantu baba bashaka ibyo bintu, ukanabona uburyo babyifuza cyane, hari ubushake bw'Imana bugomba kwitabwaho muri ibi bintu. Iki nicyo nshaka ko kibinjiramo neza. Kuko nshaka gukora ibi uburyo mushobora kubibona niba Umwuka w'Imana uba muri mwe. Kandi iyo niyo mpamvu ndimo gutinda kuri iki kintu umwanya munini. Atari gushaka gutwara umwanya w'abantu bari gukoresha telefone kuriyo mirongo, ahubwo ndashaka ko mubibona. Niba igihe cyabashiranye mushake amakasete, noneho mushake amakasete. Biriho aho...

Uko byaba bikenewe kose, uko umuntu wese yakemeza ko bikenewe, inshuro zingana iki byaba ari ukuri, haracyari ikindi kintu cyo kwitaho: Ese ni ubushake bw'Imana?

Noneho, Imana ntabwo yigeze isezerana ko izahishurira amabanga Yayo ku bami Bayo, ko Izahishurira amabanga Yayo abantu Bayo.

29 Ikintu kimeze nko mu gihe cya Mikaya, umuhungu wa Imrani, nubwo twahava, ntabwo turibureke iyi ngingo, ahubwo dukeneye ikindi gihe kugira ngo tuzane ibi maze tubigire ukuri kuri mwe, nyakuri kuri mwe, kugira ngo bitabacika…

Hari mu gihe cy'iminsi ya Mikaya… Yari umuntu w'umukene, kandi yaturukaga mu muryango w'abakene. Ariko Ahabu, umwami wa Isiraheli, nkuko igihugu cyari munsi y'Imana, yashyizeho ishuri kandi ahitamo abatoranijwe, abahanuzi barobanuranwe ubwitonzi, kandi yari afite maganane bo muri bo mw'ishuri. Kandi bari abantu bakomeye. Ntabwo bari abahanuzi b'ibinyoma. Bari abahanuzi b'Abaheburayo, abantu b'umwimerere. Kandi bagishaga Imana inama banyuze muri aba. Maze barahanura. Ariko, murabona, igihe uwo wakamarampaka yaje, buri wese muri bo yari hanze y'Ijambo n'ubushake by'Imana.

30 Kuko Yehoshafati yari yamanutse ava iYerusalemu ajya kureba umwami Ahabu, kandi bambara imyambaro yabo, kandi bicara mu marembo, maze bazana abahanuzi imbere yabo. Habanje Ahabu aravuga ati, "Dufite ahantu hano hariya Ramoti-galeyadi nyakuri ni ahacu." Noneho, ibyo byari UKU NIKO

UWITEKA AVUZE; Yosuwa yari yarahagabanije kubw'abantu kandi arahabaha, ariko abafilistiya barahatwara. Kandi aravuga ati, "Hano abana bacu bakeneye umutsima, kandi ntabwo dufite ahantu hahagije ho gukura umutsima; kandi abanzi bacu, Abafilistiya, bagaburira abana babo, abapagani, babikuye muri ubwo butaka Yehova Imana yaduhaye." Ibi ntabwo biciye iruhande. Kandi aravuga ati, "Turi hano, abantu b'Imana, twicaye hano n'abana bacu dushonje; kandi abanzi bacu bari kugaburira abana babo ibyo bakuye mu butaka Imana yaduhamagariye kuva muri Egiputa ngo ibuduhe." Ibyo byagombaga guhagurutsa umunyatewologiya, Ese siko byari kuba? Aravuga ati, "Ntidukwiriye kuzamuka maze tugafata ubutaka Imana yaduhaye?"

Yehoshafati aravuga ati, "Yego, nzabafasha. Turi abavandimwe. Muri iYudaya, naho njye ndi—njye ndi iYerusalemu (cyangwa—cyangwa byari binyuranye? Niko ntekereza… Oya, uko niko biri, ndatekereza ko Yehoshafati...)". Nubwo bimeze bityo, Yohoshafati yari umuntu mwiza, umwami, umuntu w'umukiranutsi wakundaga Umwami. Ahabu yari umwizera w'akazuyazi. Nuko babamanura aho hepfo, Yehoshafati aravuga ati, "Mwumve, reka tubanze tugishe Imana inama. Tugomba kubanza kubaza kubijyanye n'ibi." (Murabona, iyo Dawidi ajya kuba yarakoze icyo Yehoshafati yakoze...) Aravuga ati, "Ntibikwiriye ko dukora ibi?"

Kandi byihuse, kubwo kuba Umuyisiraheli, Ahabu aravuga ati, "Mu kuri. Mfite Abaheburayo maganane bameze nka twe, Abahanuzi b'Abaheburayo bo mw'idini yacu bwite. Kandi ndabagisha inama. Ni Abahanuzi."

31 Noneho, murabona, ibi… Muravuga muti, "Ibyo birangushije, Mwenedata Branham. Umuhanuzi?" Oh, yego. Hari umwe mu gihe cya Yeremiya wavuze ati hazabaho imyaka ibiri gusa. Mu gihe Imana yari yabwiye Yeremiya ko ari mirongwirindwi. Ashyira icyo giti cy'uburetwa ku muhogo we, maze umuhanuzi arakivuna, Hananiya. Ariko muzi icyamubayeho. Yoo, yego. Mugomba kugumana n'Ijambo.

Nuko aba bahanuzi barazamuka, maze barahanura, maze baravuga bati, "Muzamuke; Umwami ari kumwe namwe."

Kandi umwe muri bo, ndizera ari… nibagiwe izina rye ubu, umukuru wabo, Zedekiya, ndibwira, aravuga— afata amahembe abiri akozwe mu byuma maze aravuga ati, "UKO NIKO UWITEKA AVUZE, binyuze muri ibi (Noneho, uyu muntu yari umunyakuri.) muzirukana abanzi banyu mubasubize inyuma kure aho mu gihugu cyabo maze mufate iby'Imana; mwarabihawe." Ntabwo nizera ko yari inryarya. Nizera ko yari umuntu mwiza. Nizera ko abo bahanuzi bose bari abantu beza.

32 Muravuga muti, "Abahanuzi?" Yego. Mwibuke, uwo muntu wagishijwe inama yo kugira ngo bice Yesu Kristo yarahanuye, kubera ko wari umurimo we. Yari umutambyi mukuru muri uwo mwaka, kandi kubwo kuba yari afite uwo murimo kandi akaba akora uwo murimo, Umwuka w'Imana waje kuri we. Kandi ibyo ntibisobanuye ko yakijijwe cyangwa ikindi kintu kubijyanye nabyo. Maze arahanura (Kayafa), kubera ko wari umurimo we yarabikoze.

Kandi aba bahanuzi, kubwo kuba bari abahanuzi bari mu murimo w'abahanuzi, barahanuye, kandi Umwuka w'Imana waje kuri bo, abantu bafite impano z'Umwuka.

33 Ndabona ko ndimo kuvugana no hafi 99% by'abapantekote, ariko abagabo… Ibihe byinshi umuntu, Imana ishobora gukorana nabo, ikabaha impano, kandi abantu bashobora kurabukwa muri abo bantu. Niba atari abantu bahamagawe bitunganye kandi boherejwe n'Imana, izatuma uwo muntu cyangwa uwo mugore avuga ibintu bitari ubushake Bwayo, kubera ko abantu babahase kubikora.

Mbega ukuntu dushobora gufata pasteri wacu muto hano kuri byo. Hanze hano ndi mu biti igitondo kimwe nko mu masaa cyenda za mugitondo, aravuga ati, "Genda ubwire Mwenedata Neville." Naraje kuri wowe, siko byagenze, Mwenedata Neville?

Buri muntu wese yaravugaga ati, "Mwenedata Neville, mpanurira. Mbwira ibi cyangwa biriya." Murabona? Mwatumaga avuga ibintu kandi bitazasohora. Abo bategereje kumenya icyo Umwami ashaka gukora… Murabona?

34 Nuko aba bantu barebye kuri ibi mu maso asanzwe y'umuntu, "Ni ahacu." Ariko murabona, ntabwo bari bigeze babona Ijambo n'ubushake bw'Imana.

Hanyuma Mikaya aramanuka, kandi yari yabonye iyerekwa. Hanyuma arabanza ararigenzura. Murabibona? Aravuga ati, "Mutegereze gato. Mumpe irijoro. Mbanze nshakishe, kandi ejo ahari nzabasubiza." Ntabwo yahubutse. "UKU NIKO UWITEKA AVUZE," kimwe nko kwemeranya n'abandi bahanuzi; aravuga ati, "Nzavuga gusa icyo Imana ivuze." Kandi umunsi ukurikiyeho tubona ko Imana yamubwiye icyagombaga kubaho. Kandi byari binyuranye n'ibyabandi ku buryo budakuka. Ishuri ryose, ryari rinyuranye nawe. Ndetse n'umwe muri bo yarazamutse amukubita urushyi mu maso kubera ibyo. Ariko murabona, yarategereje. Noneho igihe yakoze ibyo, yagereranyije ubuhanuzi bwe, iyerekwa rye, n'Ijambo ryanditse, kandi byari bihuye neza n'Ijambo.

35 Igihe abantu bavuze ko bafite guhishurirwa ko kubatiza abantu mw'Izina rya Data, Umwana, Umwuka Wera, ibyo binyuranye n'Ijambo. Nta numwe muri abo basigaye wabikoze. Igihe bavuze ibyo, "Oh, tugiye guhaguruka..." kandi ibi, biriya, ndetse ibindi, ndetse n'ibindi bindi, ibyo binyuranye n'Ijambo. Igihe bavuze ngo ntibizera mu rubyaro rw'inzoka, ibyo binyuranye n'Ijambo. Ibi bintu bindi byose, ibyo binyuranye n'Ijambo. Bigomba kuba hamwe n'Ijambo kandi mugihe cyaryo.

36 Noneho, iyo Dawidi aba yarakoze ibyo gusa. Isanduku yarimo iza, ariko atari muri icyo gihe. Nta mwanya wayo wari uhari.

Murebe. Noneho, igihe bamanutse bagiye gufata isanduku, abanyacyubahiro bose baravuga bati, "Icyo nicyo kintu cyo gukora, Dawidi. Icyubahiro kibe icy'Imana. Dukeneye ububyutse." Kandi iyo niyo Pantekote nyayo y'uyu munsi, Ababatista, Abapresbyteriani. "Dawidi, uri umwami wacu. Mwebwe mwese... Kapiteni runaka, na Majoro runaka na runaka, na Generali runaka na runaka bazaba bari mu materaniro yanyu. Kubera ko, bavuga ko aricyo kintu cyo gukorwa, Dawidi. Igihugu cyose kiri kumwe na we." Icyo nicyo kibazo uyu munsi. Ntabwo nshaka igihugu. Ndashaka Imana, niyo ntawundi muntu wahahagarara.

Dawidi yari afite abatware bose. Yari afite ubufatanye n'igisirikare. Yari afite ubufatanye n'amadini yose, hamwe n'abanyatewologiya, hamwe bose… buri muntu wese yemeranyaga nawe. Uko niko Ahabu yakoze, ndetse n'abandi mu Byanditswe; ariko ntabwo yari afite Imana, kubera ko yari hanze y'ubushake bw'Imana. Ndizera ko turi kubyumva.

37 Mwitegereze. Bakoze buri kintu cyose cy'iyobokamana bashoboraga. Ahari bari bashyize ahabona itangazo ndetse na buri kintu, "Ububyutse bukomeye, isanduku bagiye kuyigarura. Tugiye kugira ububyutse. Tugiye gukora ibi."

Mwitegereze, yohereje abaririmbyi. Yohereje abantu n'inanga, hamwe n'imyirongi, kandi bakora buri kintu cyose cy'iyobokamana icyo bari bazi uko gikorwa; kandi nabwo Imana ntabwo yari muri byo. Uko biri dushobora kubona byongera kwisubiramo indi nshuro, ese siko biri?

Bafashe abaririmbyi bose. Bafata abazi kuvuza inanga, abazi guhuha mu makondera, abagore, abagabo, buri wese waririmbaga; babatwara bose aho hepfo, kandi bagenda muri buri marangamutima yose y'iyobokamana. Ntabwo nshaka kuvuga ibi, ariko ngomba kubivuga, uko niko amadini ameze uyu munsi, Abapantekote n'abandi bose, banyura mu maranga mutima yose yo kuririmba ndetse no kuvuza induru.

Mwitegereze, Dawidi yavugije induru n'ubushobozi bwe bwose, kandi avuza induru, maze yiterera hejuru, kandi anyura muri buri marangamutima y'iyobokamana ibyo yashoboraga kuba byose; kandi nabwo Imana ntabwo yari muri byo. Kandi icyo yari agamije, ndetse n'intego ze, ndetse n'ibintu byose byari bitunganye; ariko yanyuze munzira itariyo kuri byo. Murabona? Yakoze amatsinda yose ya kidini, barasakuza, bararirimba, bari bafite abaririmbyi badasanzwe, abazi kuvuza akaruru badasanzwe, ndetse na buri kintu kindi. Babyinnye mu mwuka. Bakora buri kintu cyose cyari icya kiyobokamana.

38 Ni ikintu nka za ndwano zacu za gikristo z'iki gihe. Bashaka gutsindira isi yose kuri Kristo. Nta kintu nk'icyo gihari. Bikomeye, ububyutse bugera ku ntsinzi ku mibare yo hejuru, ikintu gikomeye kibaho, iyo bashobora kubona, ko iyo minsi yarangiye. Yaciriwe urubanza. Ariko kurundanya ibiterane, amadini, ndetse n'ibindi; ariko ibyavuyemo bimeze nkuko byari bimeze mugihe cya Dawidi; Ntabwo byakoze.

Turagenda maze tukagira ububyutse. Bamwe mu bwirizabutumwa bakomeye uyu munsi, baravuga bati bahinduye ibihumbi mirongwitatu mu gihe cy'ibyumweru bitandatu; kandi umwaka umwe nyuma y'aho bagasubirayo, ntabwo bashobora kubona na mirongwitatu. Hari ikintu kitagenda neza. Ese n'ibiki, ni icyo kintu kimwe nicyo Dawidi yakoze. Abanyacyubahiro bakomeye, abantu bakomeye, ababwiriza bakomeye, amashuri akomeye, ubuyobozi bukomeye, ariko nabwo baracyagisha inama idini aho kureba mu maso y'Ijambo ry'Imana ndetse barebe igihe kizaba aricyo gikwiriye. Ntabwo wameza ibyo kurya runaka keretse ari igihe cyabyo mu mwaka.

39 Noneho, reka turebe icyabaye. Nubwo ayo marangamutima yabo ya kiyobokamana n'ibintu byari bikomeye, icyo bagamije cyari gikomeye, ibyo biterane byabo byari bikomeye, uko kuririmba kwabo kwari gukomeye, kubyina kwabo kwari gukomeye, uko kuvuza akaruru kwabo kwari gukomeye, iyo miziki yabo yari ikomeye; kandi bari bafite isanduku. Ese isanduku yari imaze iki nta Mana? Yari isanduku y'ibiti gusa, ndetse n'amabuye abiri. Ibyo bimeze nko gufata ifunguro, cyangwa kubatizwa. Ese bimaze iki kubatizwa niba utarigeze ubanza kwihana? Bimaze iki gufata ifunguro kandi ukaba indyarya, niba utabaho mu buzima ndetse ngo wizere ibisigaye byose by'Ijambo ry'Imana? Ugafata igice cya Ryo maze ntutware ibisigaye bya Ryo, bigaragaza ko hari ikintu kitagenda neza.

40 Noneho, igihe ibi byose bibayeho… Reka turebe noneho ikibaho igihe Imana n'igisekuru Cyayo n'igihe Cyayo bititaweho, bakita gusa ku bitekerezo by'abantu.

Abantu benshi barambwiye, "Kubera iki utaza hano kugira ngo ukore amateraniro? Nibyo,

tuzagutumaho. Twemeze ibi, biriya, ndetse n'ibindi. ” Mutegereze. Ushobora kubishaka, ariko ni iki Imana yabivuzeho? Abantu benshi barambwiye bati… Mfite ubutumire, nagize ikiganiro, ikiganiro n'umuntu kugiti cye ndetse n'ibindi, byategereje umwaka. Mutegereze. Ni gute namenya icyo kuvuga kugeza Imana imbwiye icyo kuvuga? Murabona? Ngomba gutegereza. Iyo niyo mpamvu mvuga nti, "Wandike ibyo, ureke ndebe icyo Aribumbwire." Murabona? Mutegereze. "Abo bategereza Uwiteka bazasubizwamo imbaraga." Ese ibyo sibyo?

41 Mwitegereze, bagishije inama gusa abatambyi b'icyo gihe, abanyatewologiya, amadini. Kandi mwitegereze, kubwo gukora ibyo, bagishije inama abatambyi ndetse bagisha inama iteraniro, bagisha inama abantu, babikoze nabi.

Mwitegereze. Isanduku yari Ijambo. Tuzi ko ibyo ari ukuri, kubera ko isanduku yari Kristo, kandi Kristo ari Ijambo. Murabona? Isanduku cyangwa Ijambo ntabwo ryari ryabanje gushyirwamo, nkuko byateganijwe, uwo mwanya w'umwimerere nkuko wateganijwe. O, ntunanirwe kumva ibi, torero. Buri kintu cyari gitunganye, kandi buri kintu cyasaga neza, kimwe nkaho ububyutse bukomeye bwarimo buza; ariko kubera ko bananiwe kugisha inama umuntu ukwiriye kubijyanye nabyo... Bagishije inama abatambyi, bagisha inama abakomeye, bagisha inama abanyatewologiya, bagisha inama abaririmbyi, kandi ibintu byose babishyira hamwe bihuje umutima, Kandi ayo mashyirahamwe akomeye ya gisirikare, ndetse n'izindi mbaraga z'igihugu; ibintu byose byari bihuje mu materaniro akomeye; ariko bananirwa kugisha Imana inama. Uko niko Ahabu yabikoze; uko niko abandi babikoze. Mbega igihe.

42 Noneho, ibi ntibibacike. Bananiwe kubona ibi, kubera ko batagishije inama. Kandi kubwo gukora ibyo (Mwitegereze.), kubwo kujya ku mutambyi, kubwo kujya kubanyatewologiya, kandi kubwo kujya ku ngabo, kandi batitaye na gato ku ntumwa yabo Imana yohereje kubwo iyo saha, Natani, babikoze nabi. Baragiye maze bafata isanduku nuko bayishyira kw'igare rishya, bayishyira kw'igare rishya (cyangwa idini rishya rigiye gutangira) ariko atari kucyo Imana yabahaye, muburyo bwagenwe ikwiriye guhekwamo. Yari igenewe guhekwa ku bitugu by'Abalewi. Ariko murabona, igihe utangiye nabi, uzakomeza kugenda nabi.

43 Niba isasu rigomba kuyoborwa ku ntego, hanyuma ukanyeganyeza umunwa w'imbunda gato munsi cyane ya cm aho gutangirira, nibigera nko muri metero ijana uzaba uri kuri cm icumi cyangwa cumi n'ebyiri kure y'intego.Watangiye nabi. Yoo, Imana, idufashe tumenye ko ibi bintu byatangiye nabi, ibi biterane bikomeye by'iki gihe, ndetse n'ibindi bita gutyo.

Imana ntabwo yagishijwe inama kubijyanye nabyo. Abatambyi n'abihayimana nibo bagishijwe inama; amadini niyo yagishijwe inama. "Nibyo, ese mwashobora kugira ibi n'ibi? Nizera ko iyo dushobora gushyira abantu bose hamwe..." ntabwo ari ugushyira abantu bose hamwe. Ahubwo ni ugushaka Ijambo rijyanye nabyo.

44 Noneho tubonako igihe bakoze ibyo..., n'iki bakora? Bakomeza kugendana neza neza n'izo gahunda zabo zimwe za kiyobokamana ari ziri hanze y'Ijambo ry'Imana ndetse n'ubushake Bwayo. Icyo kintu cyapfuye hashize imyaka, ibyo bintu byumye by'imyaka yashize.

Byari byarumye mu minsi y'Umwami Yesu. Ntabwo babimenye. Aravuga ati, "Iyo mumenya Mose, mwajyaga kumenya, kubera ko Mose yavuze ko ngomba kuza."

Barasubiza bati, "Ba data baryaga manu mu butayu."

Arababwira ati,"Ariko barapfuye," Impumyi, niko yabise, Abafarisayo, abayobozi ba kiyobokamana. "Keretse mwizeye ko ndi We, naho ubundi muzapfira mu byaha byanyu." Ariko ntabwo bigeze babikora. Bari bakomeye cyane mu nzira zabo. Bashaka kubigira mu buryo bwabo.

45 Uko niko Dawidi yabikoze. Yabikoze mu buryo bwe, nuko aravuga ati, "Muzi icyo ngiye gukora? Turibukomeze." Yari afite guhishurirwa. "Turakomeje noneho, ubu turibukore inzira nshya. Iminsi y'ibitangaza yararangiye, noneho turakora irindi dini. Tuzubaka igare rishya kandi tubereke ikintu gishya cyatangiye." Mbega ubuhanuzi bw'ibinyoma. Mugomba gusubira ku buryo Imana yavuze bikwiriye gukorwamo.

Bayishyiraga ku bitugu by'abalewi, kandi aho hari hejuru y'umutima. Isanduku, Ijambo, ntabwo rikwiriye kuba rihetswe ku idini rishya, hejuru y'imihango y'abantu bamwe, ahubwo ni mu mutima. Ijambo ry'Imana ntabwo rikwiriye guherezwa amadini; rikwiriye guherezwa umutima w'umuntu aho Imana ishobora kwinjira maze Ikihishura Ubwayo. Kandi iyo Yihishuye bikurikije Ijambo, iba ari Imana. Iyo atariko biri, iba atariyo. Kandi hanyuma, hakaba Ijambo ry'icyo gihe...

Nyakuri, abafarisayo bashobora kuvuga bati, "Ninde wavuze ko tudashobora gukora ibi cyangwa biriya? Mose yaduhaye ayo mategeko." Ariko Mose yanavuze ko…

Satani aravuga ati, "Kubera iki handitswe ngo, izaduha ibi..."

"Ariko harananditswe ngo," Niko Yesu yavuze. Igihe, isaha…"Iyo muba mwaramenye Mose… Hari

umwe ubacira urubanza, Mose. Iyo muba mwaramenye mose, mwajyaga kumenya," Aravuga ati, "Kubera ko Mose yanditse kuri Njye, 'Uwiteka Imana yanyu izabahagurukiriza Umuhanuzi hagati muri mwe hagati ya bene so; Uwo muzumvira.'" Iyo bajya kumenya Mose bari kuba baramenye n'Uwo.

46 Noneho, mwegere hafi, mwumve. Ibi ntibibacike noneho. Murabona, ikintu cyambere igihe bagishije inama abatambyi, bagisha inama abanyacyubahiro, bagisha inama abasirikare, bagisha inama iteraniro ryose, abaturanyi bajya hamwe kubera aya materaniro akomeye agomba kuza, bananiwe kubikora muburyo bukwiriye. Ntabwo bagishije inama Imana, kandi kubwo gukora gutyo, ntibajya inyuma ngo barebe igihe icyo ari cyo...

Oh, mwenedata, mwumve. Mbese n'igihe ki turi kubamo? N'ikihe gisekuru? N'isaha ki turi kubamo? Ntabwo aricyo gihe cy'ibintu nk'ibi barimo kuvuga. Ibyo byararenze. Urubanza ruri hafi noneho. Ushobora kubona ruhingutse. Mwibuka cya gitare hejuru ku musozi? Isaha y'urubanza. Mwibuka guhishurirwa cyangwa iyerekwa ry'Umugeni? Mugumishe Umugeni mu murongo. Ntimureke asohoka mu murongo.

47 Mwitegereze, ku bitugu by'abatambyi… Kandi Dawidi ndetse n'abatambyi bose abo bagombaga kuba babizi neza, Ariko byari ibiki? Abatambyi bagombaga kuba babizi neza. Abanditsi, abanyatewologiya bagombaga kuba babizi neza, kubera ko Ijambo ryavuze ko batagomba gukora ibyo.

Kandi uyu munsi igihe bashaka kuvuga bati, "Yoo, Yesu Kristo ntabwo ari uko yahoze ejo, uyu munsi , n'iteka; ibyo n'ibintu byo gukina n'ibitekerezo; ibyo n'ibi, ibyo, cyangwa ibindi," bananirwa kubona Ijambo ry'isezerano. "Yoo, ibyo byari ibyo mugihe cyahise."

Dawidi aravuga ati, " Yoo, byiza, noneho mutegereze umunota umwe. Ku ntugu z'abatambyi, aho hari inyuma mu gihe cya Mose ubwo yasohokaga. Nyakuri, twe, kuri ubu tubishyira kw'igare rishya uyu munsi. Mfite guhishurirwa kuri byo.

Abatambyi baravuga bati, "Amena, Dawidi." Murabona?

Bashutswe n'izo nama nshya z'izimpuzamadini aho bagombaga kujya hamwe bose kandi bagakora ibi muri ubu buryo no muri buriya buryo, ibyo nibyo byabateye kugwa. Ntabwo bagishije inama umuntu ukwiriye. Ntabwo babikoze mu buryo bukwiriye; hanyuma, binjira mu byago. nibyo.

48 Mfitiye ubwoba ibintu byinshi uyu munsi… Igihe umwigisha ukomeye, umwe mu bakomeye cyane kurusha abandi mu Bapantekote ari imbere y'itsinda ry'abiyobokamana ijoro rimwe muri Chicago… Nagomba kugirana ayo materaniro n'abacuruzi, ariko nibuka ko nzaba ndi muri Africa icyo gihe; ariko ngaruka mbere y'uko gitangira. Ariko bihitiyemo Umupantekote w'umunyabwenge, kandi arahaguruka arabwira ati iki kintu cya Ecuminisme ni ikintu cy'Imana, kandi aravuga ati bose hamwe barimo kugaruka inyuma; habe na kiliziya Gaturika ngo izagaruka mumirere yayo y'umwimerere, bose bavuga mu ndimi nk'ikimenyetso ndetse n'ibindi. Kandi ntabwo bazi uwo mutego wa satani.

Kandi umuntu ntamenye… Rimwe na rimwe ubiba imbuto. Ntabwo uba uzi ikizavamo. Ariko ukuriye Full Gospel Business Men, ako kanya uwo mutumirwaa ukomeye yicaye, aravuga ati, "ntabwo bikwiriye ko ngira icyo mvuga kinyuranye n'umwigisha wacu, ariko ibyo ntabwo ariko Mwenedata Branham yavuze ko ariko bizagenda. Ahubwo yavuze ko abo bazatwara ikimenyetso cy'inyamaswa."

Aramusubiza ati, "Ariko Mwenedata Branham ntabwo azi ibyo arimo avuga."

Aravuga ati, "Twe—turabyizera." Murabona?

49 Kandi muri Chicago baravuze bati ni bangahe hano bakwifuza ko nzamuka nkaza kubaha uko bimeze kuri byo? Batangira gusakuza no kuvuza induru. Murabona, urimo kubiba Imbuto. Ntabwo uzi ikizavamo. Komeza ubibe Imbuto. Igihe iyo saha yaje bamwe muri bo…

Kimwe na Toma, yari nk'uwanyuma kubona Umwami, ariko byamusabaga kumubona kugira ngo amwizere. Murabona? Igihe babibonye bibaye, Yoo, Tomasi yarinjiye, ariko yari yakereweho gato.

Noneho, igihe babonye ibintu byavuzwe mbere bivuga biti UKU NIKO UWITEKA AVUZE bisohoye, hanyuma baravuga bati, "Duhe ku mavuta yawe." Murabona?

50 Ariko noneho, mwitegereze gukongezwa. Rimwe na rimwe abantu bakomeye bajya hamwe. Uzabumva bavuga bati runaka na runaka bakomeye, abakomeye bacu… Ntabwo bajya bakora ibyo. Nta bakomeye bari hagati muri twe. Hari Umwe ukomeye, kandi uwo ni Imana. Turi benedata, bashiki bacu. Ntabwo nitaye kukuba uri pasteri w'itorero rifite abantu batanu muri ryo, ibyo ntabwo bibagira bato; ibyo bibagira benedata(Murabona?), niba uri umunyakuri kw'Ijambo ry'Imana. Ntabwo nitaye kucyo aricyo, ni uburyo bigenda, ntabwo uri muto. Imana ntabwo igira abana bato ndetse n'abana bakuru. Ifite abana gusa, kandi bose ni kimwe.

Mwitegereze, Imana Ubwayo yaturutse ahantu h'igiciro hubatswe n'amahembe y'inzovu h'ubwiza kugira ngo ibe umwe muri twe. Noneho, ninde munini? Ntabwo yaje hano gufata ishusho y'umutambyi,

ariko umukozi maze akoza ibumba ryo Yiremeye, ibirenge by'intumwa ze... Noneho, ninde mukuru?

51 Ariko aba bantu bari bakongejwe. Ntabwo babisobanukiwe. Batekereje ko ikintu gishya kigiye kubaho(Oya.), ikintu Imana itigeze ivuga ko kigomba kubaho. Babigiyemo mu buryo bupfuye. Niryo shyaka ryose igihe byatangiraga inyuma iyo igihe kinini gishize, buri dini ryarisabaga kugira umuntu ukiza indwara bya kimana; Buri dini ryasabwaga kugira ibi, ibyo, cyangwa biriya. Buri dini ryasabwaga kugira ibi, biriya, cyangwa ibindi. Buri dini ryagombaga kugira Dawidi muto. Buri umwe wese yagombaga kugira ibi, biriya, n'ibindi. Murebe ibyabaye? Byakoze ibintu bimwe nk'ibyo byakoze hano, ibintu bimwe. Gukongezwa...

Ijambo ry'igihe, igihe bari barimo kubamo baracyirengagije.

Mwitegereze, ibitugu by'abalewi byariyo nzira y'umwimerere yateguwe n'Imana kugira ngo ikore ibi bintu. Mutware iyo sanduku ku bitugu by'Abalewi. Ikindi kintu cyose kiri hanze y'ibyo cyari kinyuranye na byo. N'iki yavuze, icyo nicyo yashakaga kuvuga. Imana ntabwo yahinduka. Iyo niyo mpamvu, mugumane n'Ijambo Ryayo.

Mfite Imbyanditswe muri I Ngoma 15:15, niba mushaka kubyandika.

52 Mwitegereze, noneho mwitegereze, aho mu gukurikira Imana… Noneho, Ndashaka ko mwe mwandika ibi mubitekerezo byanyu. kugira witondera amategeko y'Imana, ukore buri kintu cyose gitunganye ku Mana, ukorere Imana umurimo mu buryo butunganye, hari ibintu bitanu uhatiwe (Murabona?), kugira ngo ukorere Imana umurimo mu buryo butunganye.

Noneho, Dawidi yarimo akorera Imana umurimo. Yarimo akora buri kintu cyose yarazi gukora, usibye kureka Imana. Murabona? Yarimo akora ikintu cyari gitunganye, ikintu cyiza ku bantu, ikintu cyiza kw'itorero.

Ariko hari ibyo uhatiwe bitanu; ndashaka ko mwibuka ibi. Ubunyakuri bwose umuntu yashobora kubabwo ahari mu gukora umurimo, gukorera Imana umurimo, aya mategeko atanu agomba kuhaba.

Icya mbere, bigomba kuba ari igihe Cyayo kugira ngo ibikore.

Byari kugenda bite iyo Mose ajya kuza, akavuga ati, "Turibwubake inkuge maze ireremba hejuru ya Nili nkuko Nowa yabikoze"? Igihe cya Nowa cyari gitunganye ku nkuge, ariko atari iki gihe.

Byari kugenda bite iyo Yesu aza kuza, akavuga ati, "Noneho, ndibubabwire icyo turibukore. Turibuzamuke tujye ku musozi kimwe na Mose nkuko yabikoze maze tubone kwamamazwa gushya kw'amategeko"? Murabona? Uh, uh. Yari We rya tegeko. Murabona? Ugomba kuba mu gihe Cye. Bigomba kuba mu gihe cyabyo. Ese ibi murabyumvishe noneho?

Bigomba kuba mu gihe Cyayo, bigomba kuba mw'isizoni Yayo, igihe n'isizoni, kandi bigomba kuba bikurikije Ijambo Ryayo iryo yavuze. Bigomba…

53 Ntabwo nitaye uburyo wavuga neza ibi ibi bigomba kuba, kandi ibyo bigomba kuba, cyangwa ibi bigomba kuba; ibi bigomba kuba bikurikije Ijambo Ryayo, bikurikije igihe Cyayo ndetse na sizoni Yayo; kandi ibyo bigomba kuba bikurikije umuntu Yatoranije kugira ngo abikore.

Ntabwo nitaye uburyo muri abanyacyubahiro. Hari umwami Dawidi ukomeye kimwe n'undi wese muri bo. Yari umwami hejuru y'igihugu. Ariko Imana yari ifite uburyo bwo kubikora, kandi yari Yababwiye uburyo iri bubikore. Ariko bananirwa kubyubahiriza.

Bigomba kuba bikurikije Ijambo Ryayo, bikurikije igihe Cyayo, bikurikije gahunda Yayo; kandi bigomba kunyura mumuntu yatoranyije kugira ngo ibimuhe kandi abikore.

54 Mose yagerageje kubihunga. "Fata undi muntu wundi." Ariko Imana yatoranije Mose kugira ngo abikore. Benshi muri bo… Pawulo kugira ngo abivemo, ndetse n'abandi benshi. Ariko bigomba kuba binyuze muri uwo yatoranije kugira ngo abikore. Kandi bigomba kuza ku muhanuzi wayo. Ijambo ry'Imana rigomba kuza ku bahanuzi Bayo, Amosi 3:7, "Umwami Imana ntacyo izakora itabanje kugihishurira abagaragu Bayo aribo bahanuzi." icya kane.

Noneho umuhanuzi agomba kuba uhamirijwe n'Ijambo ry'Imana. Ngayo amategeko yanyu atanu. Bigomba kuba muri ubwo buryo, Igihe Cyayo; mw'isizoni Yayo (igihe yavuze ko bizaba); n'umuntu yatoranije, kandi bigomba kuza ku muhanuzi; kandi umuhanuzi agomba kuba ari umuhanuzi uhamirijwe. Tubona benshi muribo muri Bibiliya byaje ku bahanuzi ariko ntabwo byari bihamirijwe. Umuhanuzi wacu ni Yesu Kristo.

55 Nuko noneho, mwitegereze. Murabona, Imana ntabwo yari yabasobanuriye icyo kintu kuri bo binyuze mu nzira Yateganije yo kubikoramo. Bemeye inzira ya Dawidi. Bemeye inzira y'abatambyi. Bemeye inzira y'abanditsi, abanyatewologiya, ariko atari inzira y'Imana. Natanayeli yari umuhanuzi wa kiriya gihe.

Nyuma y'aho Natanayeli yababwiye uko bagomba kubikora. Ariko murebe, babikoze batagishije inama Natanayeli. Nta jambo na rimwe rivuga ko Natanayeli yagishijwe inama. Hamwe no gukongezwa kose, ikintu gikomeye cyari kigiye kubaho... Kandi, mbega, ndatekereza kuri ya ndirimo,

Undinde, undinde, Mwami, igihe imitima irimo kugurumana,

ucishe bugufi ubwibone bwanjye(kugira ngo njyane n'abandi) kandi nambaze Izina Ryawe

unyigishe kutishingikiriza kucyo abandi bakora,

Ahubwo ntegereze mu masengesho igisubizo giturutse kuri wowe.

Murabona? Uko niko bimeze. Reka mbibona biba muburyo butunganye; noneho bibe ibyo kwizerwa.

56 Noneho, Imana yabahishuriye ibintu binyuze kuri Dawidi, kandi binyuze mu babwiriza, kandi binyuze mu bantu, kandi binyuze mu batware batwara ibihumbi, n'abatware batwara amajana, ariko bitanyuze kuri Natanayeli uwo wari ufite UKU NIKO UWITEKA AVUZE. Kandi Umwami aravuga ati nta kintu Azakora atabanje kwereka umuhanuzi w'icyo gisekuru icyo gukora. Murabona icyo bakoze? Bagiye neza neza hanze y'Ijambo ry'Imana, baragenda bashyira isanduku hejuru y'amagare mashya. Murabona? Nuko baragenda barabikora ariko atari mu mategeko y'Imana mu nzira Imana yatanze... Kandi icyo nicyo kiba uyu munsi, nshuti. Iyo niyo mpamvu dufite ibiterane byinshi uyu munsi ndetse n'ibindi kandi ntacyo bitanga. Kudakiranuka kwinshi, ibyaha byinshi, byinshi... ndababwira; iki gihugu kiragiye, atari iki gihugu gusa, ahubwo n'ibindi bihugu. Iki gihugu kimwe n'Ubwongereza bw'ikindi gisekuru babaye ba maraya b'ibihugu bisigaye byose.

57 Manuka aho muri Mozambique, ibirometero maganarindwi na mirongwirindwi uvuye aho iterambere riri, aho mw'ishyamba, abo bana babaturage barimo bumva Elvis Presley, bazunguza imitwe yabo kandi biterera hejuru no hasi nka gutyo ijoro ryose hamwe -... aho ku turadiyo twabo duto nka gutyo bakagenda ibirometero igihumbi na maganatandatu kugera Rhodeie kujya kumva Elvis Presley. Kandi nyamara bakavuga bati, "Ni umuntu w'Imana, we, na Pat Boone ndetse n'abandi." Kubera iki, ni ba Yuda b'isaha, kandi ntabwo babizi. kandi icyo nicyo gice kibi. Bizera ko bari mu kuri. Ese Yesu ntiyabibwiye itorero ry'igisekuru cya Lawodokiya ati, "Wambaye ubusa, umutindi, imbabare, impumyi, kandi ntabwo ubizi"? Ntabwo ubizi.

Nibyo, Abana b'Abapantekote aho hepfo muri Afrika aho hose baravuga bati, "Kubera ko, Elvis Presley, aririmba neza kuburyo tutigeze twumva." Nta gushidikanya ariko nicyo Dawidi yakoze nawe; nta gushidikanya ahubwo ibyo abaririmbyi bakoze, ariko byazanye urupfu rutera mu nkambi. Murabona aho bari, aho turi uyu munsi, nshuti?

58 Ibitugu by'abalewi yari yonzira y'umwimerere y'Imana yo kubikoramo, nyamara bayishyize kw'igare rishya. Noneho, ntabwo byakora. Ntabwo bagishije inama mu buryo butunganye. Murabona? Nuko barasohoka kuri yo kandi bajya kuri yo mu buryo butaribwo, kandi icyo nicyo kirimo kuba uyu munsi.

Igihe abantu, uko baba abanyakuri kose, bagerageza gukorera Imana umurimo hanze y'uburyo Bwayo Yateganije bwo kubihishuramo, igihe cyose barabyangiza. Imana ibishyiraho mu buryo Bwayo. Umuntu, uko yaba ari umunyakuri kose ugerageza kubikora hanze y'ibyo, azabyangiza.

59 Ikintu kimwe nk'ibya Balamu mu minsi ya Balamu. Imana yabwiye Balamu, uwo muhanuzi… Yari umuhanuzi, umuhanuzi Balamu. Yari umuhanuzi, kandi Ijambo riza kuri we neza neza, aravuga ati, "Ntumanuke hariya. Aba ni abo natoranije; aba ni amahitamo yanjye."

Kandi Balamu yagiye hamwe n'abanyacyubahiro, abasirikare, ababwiriza, no gukongezwa n'abantu; kandi baravuga bati, "Nibyo, Njye ndababwiye, umwami aza..." Murabona, bihuze na Dawidi, ubihuze n'uyu munsi, buri kintu cyose ugifate mu gishushanyo, noneho uraza kubibona. Murabibona muvuge muti, "Amena." [Iteraniro rirasubiza riti, "Amena."—Ed.] Murabona, murabona? Kimwe n'uko bimeze uyu munsi...

Ariko abihayimana baravuga bati, abatambyi baravuga bati ati, abanditsi baravuga bati, abanyatewologiya baravuga bati, "Uko niko byari bikwiriye gukorwa." Ariko siko byari biri. Kandi bihamya ko bitari byo.

60 Kandi Imana ibwira Balamu kuko mbere yari umuhanuzi Iramubwira, "Ntugende."

Ariko gukongezwa kw'abo bantu bandi kwamuteye gukora ibinyuranye n'icyo Imana yavuze ko agomba gukora, kandi bihinduka umuvumo aho kuba ububyutse. Yoo, nyakuri, yaramanutse aho hepfo yigisha abantu, avuga ati, "Noneho, murebe. Mutegereze gato. Muzi ibyo aribyo?" Aravuga ati, "Twe turi Abamowabu. Murabyibuka, umukobwa wa Loti ni umwamikazi wacu. Niwe nkomoko yacu. Turi amaraso amwe. Twe hamwe amadini yose turi kimwe." Ntimukivange n'ikintu nk'icyo. Mujye kure y'aho. Murabona? Nuko aravuga ati, "Twese turi kimwe. Kubera ko, abantu banyu bameze nk'abanjye. Dushobora gushakana bamwe ku bandi, nuko dushobora gukora nyakuri ecuminisime. Murabona? Twese dushobora kujya hamwe hanyuma tukagera kuri cya kintu cy'umwimerere nanone." Kandi Imana yavumye icyo kintu.

Icyo cyaha ntabwo cyigeze kibabarirwa Isiraheli. Cyabagumyeho imyaka y'ubuzima bwabo bwose. Barimbukiye mu butayu bamwe nacyo (Uko ni ukuri.), kubera ko batafashe inzira yateganijwe n'Imana binyuze mu guhamirizwa k'uburyo bikwiriye gukorwamo.

Mwitegereze, iki kintu icyo bakoze cyateye Isiraheli gupfa urupfu mu butayu, kandi Yesu yaravuze ati, "Buri wese muribo yarapfuye kandi yaragiye." Mwitegereze uwo wari uhagararanye na Mose aho inyuma, Yosuwa na Calebu na we… na gahunda.

61 Mwitegereze nanone, hano hari Dawidi, icyo yakoze. Ndetse n'igihe yabikoze, n'iki byakoze? Byateye urupfu rw'umuntu w'umunyakuri. Kandi ndakeka tukiri ku murongo wa telefone, kandi ndashaka ko mubyumva aho hose mu gihugu. Iki kintu Dawidi yakoze atagishije inama Natanayeli maze abone Ijambo ry'Imana kuri byo, byateye urupfu gukubita abantu b'abanyakuri. Yego, aho yashyize ibiganza bye imbere, uwo wabaga aho imbere y'isanduku, nuko isohoka munzu ye. Kandi ibimasa biratsikira, kandi isanduku yariguye.

Bari bamaze gukora ibintu muburyo bupfuye, ibintu bibiri bipfuye. Icyambere, ntabwo bagishije inama Natanayeli. Ikintu gikurikiyeho bakoze, bamanutse hariya batabanje kureba mw'Ijambo ry'Imana iryo... Samweli yari Ijambo muri iyo minsi. Kandi ntabwo bagishije Ijambo ry'Uwiteka Inama, noneho igihe babikoze, bagiye uburyo bunyuranye n'Ijambo ry'Imana. Kandi hano uyu muntu mwiza, wari warabaye umurinzi; yari bishop aratekereza, "Nibyo hano, ntabwo nshaka ko Imana ishyirwa hasi." Nuko ashyira ibiganza bye kw'isanduku, aho atari umulewi, nuko arapfa. Ibintu bitatu...

62 Noneho, mubitekerezeho kandi mwitegereze icyo amadini yakoze uyu munsi. Murabona? Batumye bigwa hasi, babyise inyigisho z'ubuyobe. Murabona? Murebe aho bari. Bazashaka iyo mpuzamadini yabo yuzuye. Babyise uburyo bwo gusoma ibitekerezo, igihe Imana Ubwayo ibihamiriza ko ari Ukuri kandi Ikabitangira gihamya ko ari Ukuri.. "Yoo, ni itsinda ry'ibigoryi riri hariya haruguru," niko bavuga; "Ntabwo bazi ibyo bavuga." Uko ni ukuri; ntabwo turibyo. Ahubwo tuvuga Ijambo Rye, kandi Azi ibyo Avuga. Murabona? Ntabwo nabisobanura, nta nundi wabishobora, ariko Arabihamiriza.

Noneho, mwitegereze, abizera benshi babanyakuri uyu munsi baza kuri Kristo, bashaka kuza n'umutima wabo wose, bakicwa mu mwuka muri ubwo buryo bumwe. Abantu benshi babanyakuri bajya muri Kiliziya Gaturika kandi bashaka guhinduka Abakristo, bajya mu Bametodiste, Ababatista, Church of Christ, ndetse no mu Bapantekote (Murabona?), kandi bashaka guhinduka Abakristo, bagashyira ibiganza byabo kuri byo, bakishyira hamwe nabo.

63 Kandi igihe Dawidi yabonye ibi bintu bibaye, byaramukanguye. Ntimugakanguke mwakerewe aho, mwene Data. Yabonye urwo rupfu rukubise. Munyereke icyavuyemo. Kubera iki ibi byobita ububyutse byakozwe mu gihugu byari ibyo gutuma abantu basubira mu nsegero kuri... ku mubiri w'abizera? Nta kindi byatanze uretse amashyirahamwe mashya n'amadini aho hose, abanyamuryango bashya benshi ndetse n'ibindi. Ese igihugu cyabaye cyiza?

Baravuze bati tugiye muri… Amerika, Bati "Imana ihe umugisha Amerika, ni igihugu, ni igihugu cya Gikristo." Ariko kiri kure muri za miliyo na miliyoni z'ibirometero kure yo kuba igihugu cya Gikristo. Ntanubwo njya ngisengera. Ni gute nagisengera, kandi kidashobora kwihana imbere y'imbaraga zikomeye z'Imana izo zerekaniwe imbere yayo, kandi bakabihakana, maze bagafunga inzugi kuri byo, maze bakajya kure? Mbyeguriye Imana. Kandi igiye kure cyane, kandi ubu igiye kurigita. Noneho mwitegereze gusa ibigiye kuba.

64 Abantu benshi babanyakuri baragenda bakiyunga kw'ishyirahamwe, cyangwa itsinda, cyangwa igice cy'ubwoko runaka, kandi aho bakahapfira mu buryo bw'umwuka. Ukaba ntacyo wababwira. Bagatuma ibyo bintu bibatsindagirwamo, "Kubera ko , aba babishop bavuze ibi, kandi uyu akaba yavuze ibi; n'uyu akavuga ibi." Muzareke hano mu Ijambo ry'Imana aho biri UKU NIKO UWITEKA AVUZE, "Ariko pasteri wacu..." ntabwo nitaye kucyo pasteri wanyu yavuze, cyangwa icyo undi muntu wundi yavuze. Niba binyuranye n'Ijambo rihamirijwe ry'Imana, isaha, igihe, Ubutumwa, ndetse n'ibindi, mubyibagirwe. Mujye kure yabyo. Kandi bizansaba guhagarara imbere ya buri umwe muri mwe mu minsi y'urubanza, kandi ibyo murabizi. Kandi bike nshobora kuvuga, kubwo kumenya ko ndi umuntu ukuze noneho. Nza... Ntabwo ari uko hari ikintu nzi, ahubwo We arabizi. Nkurikira icyo Avuze.

65 Murebe ku biterane bikomeye twagize aho hose mu gihugu; biragaragara neza ko byabaye iby'ubusa. Kandi ntabwo Yesu yabivuze hano, Luka 7:7, "Bandamiriza ubusa (ni kubw'ubusa Dawidi yazamuye isanduku. Ni kubw'ubusa Ahabu yatoje abahanuzi. Ni kubw'ubusa Balamu yafashe ariya mafaranga.), kubwo kwigisha inyigisho z'amategeko y'abantu"? Ni amategeko y'Imana afite agaciro. Uko waba uri umunyakuri kose...

"Abo bantu bari nyakuri abanyakuri." Ibyo murabyumva cyane. "Bari abanyakuri cyane." Byiza ibyo ntacyo bisobanuye. Abahamya ba Yehova, Abadivantiste b'umunsi wa karindwi, n'ayo matsinda y'ibice arasohoka hano agakora ibintu ibyo nta numwe muri twe wabikora. Abagaturika bahagarara aho munguni ndetse basabiriza n'ibindi, iyo amategeko ameze gutyo, kandi bakize kuri za miliyali gukuba miliyali gukuba

miliyari z'amadorari, ariko nyamara bagakomeza gusabiriza, abanyakuri, nta gushidikanya. Amatorero akagenda maze akabwiriza ndetse n'ibindi, kandi ababwiriza bagahagarara ku gicaniro maze bagakora icyo bashobora cyose kugira ngo babone abanyamuryango bashya mu matorero yabo; ariko iyo ni isanduku nshya. Hari isanduku imwe yo gukurikira; ni Ijambo ry'Imana. Ikintu cyose kinyuranye n'iyo sanduku y'Imana, mujye kure yacyo; ni isanduku nshya kandi itari ku bitugu by'Imana. Uko niko biri. Mujye kure y'icyo kintu, ntimugire icyo mukorana nacyo.

66 Ibiterane byacu bikomeye, Miliyari na miliyoni baratuye. Kandi ndashidikanya ko haboneka n'ijana muri bo kubwabyo. Murabona? Ntacyo byakoze. Noneho reba kw'Ijambo ry'isezerano.

Muratekereza ko byananiwe, kandi tuziko byaniwe. Bamwe mu banyabubyutse bacu bakomeye muri icyo gihugu, uyu munsi tuvuga yuko byananiwe kuburyo budasubirwaho. Itorero rirabizi ko ari ukunanirwa. Buri muntu wese arabizi ko byananiwe. Nibyo, kubera iki ariko biri? Kubera iki yananiwe? Byari bifite intego nziza; byari ukuzana abantu Imbere y'Imana, ibiterane bikomeye. Kandi za miliyoni z'abantu batanze amafaranga yabo kandi bayashyira muri ibyo biterane bikomeye, kandi amatorero yose yagiye hamwe, ibyumba binini mberabyombi, n'ibintu bikomeye, kandi ibintu bikomeye byarabaye; kubera iki byananiwe? Ni ukubera ko batigeze bamenya isaha barimo. Ntibitangaje ko Yesu yahagaze maze mu mutima We Akarira; amarira agatemba ku matama Ye, kandi akavuga ati, "Yerusalemu, oh, Yerusalemu, Ni kangahe nashatse ku kubundikira nkuko inkokokazi ibundikira imishwi yayo. Mwateye amabuye buri muhanuzi nabohererereje. Ariko ntimwabashatse. Ariko noneho igihe cyanyu kiraje."

67 Ese ntimwakumva Umwuka Wera arimo abavugiriza induru? "Oh, Leta Zunze Ubumwe n'isi, mbega ukuntu mwakwiriye kuba mwaragiye hamwe, ariko ntimwabishatse. Noneho, isaha yanyu iraje. Iyo mana yanyu y'ibinezeza, iyo mana yanyu y'ibibi, iyo mana ya Sodomu na Gomora yanyu, iyo yaje hagati muri mwe..." Habe n'abana bacu bato, izo nyogosho n'iyo misatsi itemba mu maso yabo, uko kwangirika kukiri guto gutangiye. Abagore bacu baragiye, birenze gucungurwa kwacu. Abagabo bacu babaye za cyabakobwa zikomeye, bagenda aho n'utwo dukabutura duto kandi bakora nk'abakobwa, kandi imisatsi itemba ku majosi yabo, kandi... Twabaye Sodoma, kandi umuriro n'umujinya w'Imana biradutegereje.

Muzi uburyo Izica, uburyo Izasenya? Uburyo yabigize ibibe byose. Igihe maraya yakoraga ikintu kibi, yaterwaga amabuye kugeza apfuye. Batoraga amabuye yo kwica uwo mugore wabaye indaya. Uko niko Azica itorero. Bibiliya iravuga ngo izabagwishaho imvura y'urubura iturutse mw'ijuru,ipima ibiro mirongwine na bitanu[hundred pounds—N.D.T.] kandi Izabicisha amabuye. Ninde ugiye kumuhagarika? Ni ubuhe bushakashatsi bwavuga ko bidashobora kubaho? Izabikora nkuko yaremye inkuge ya Nowa itekanye; izongera ibikore kw'itorero Ryayo. Kandi kubw'amategeko Yayo bwite n'inzira Zayo bwite, Izicisha amabuye uwo maraya uwo wakoze ubusambanyi hamwe n'abami n'abatware batwara amajana n'abatwara ibihumbi. Izamwicisha urupfu rw'amabuye binyuze mu mategeko Yayo bwite Yashyizeho. Ninde uzayibwira ko Idashobora gukora urubura?

68 Muzabaze umuntu uzi ukuntu igitonyanga cy'imvura cyatangiye, kandi igakora uruziga, kandi hanyuma hanyura umuyaga ugenda ugaruka kurushaho kugeza ugeze ku gipimo runaka, hanyuma iragwa. Yo, Imana, Iyo gukurura kw'isi kutashoboraga kumufatira kw'isi kandi hanyuma Arazamuka mw'ijuru, Imana, Iyo yakoze uko gukurura, ishobora gukora umuyaga uhuha cyane ukanyeganyeza ibuye kugeza rigeze ku biro mirongwine na bitanu. Iravuga ngo Izabikora, kandi Izabikora. Ninde wayibuza kubikora? Izabikora, kubera ko yavuze ko izabikora.

69 turi mu minsi ya nyuma. Duhagaze hafi y'urubanza. Kubera iki? Barimo kugerageza kurya manu yaguye kera hashize hafi imyaka mirongwitanu, itorero rya Pantekote. Itorero rya Holiness ririmo kugerageza imyaka maganabiri ishize, abaluteri imyaka maganatatu cyangwa irenga ishize, imyaka amajana menshi ishize. Barimo kugerageza kurya manu ya kera. Oh, mwenedata, ibyo bintu byaragaze. Byagiyemo mikorobe. Bifite (igihe cyose ndabivuga) izo nzoka muri byo, bizamo innyo. Bizabica nimubirya

Muzarebe iyo Dawidi cyangwa iyo undi wese usigaye muribo iyo ajya kugisha inama Umugati w'iyo saha. Iyo abatambyi, n'abahanuzi, n'ababwiriza, n'abanyatewologiya, n'amashuri, n'amadini iyo bajya kuba bararebye isaha, ariko ubu nta cyiza byabagirira. Byaratambutse. Ntacyo byabafasha. Yararangiye. Yamaze kurenga uwo murongo imyaka itanu ishize hagati yo kwihana, urubanza n'imbabazi.

70 Mwitegereze, n'iki noneho? N'iki cyakorwa? N'iki gikwiriye gukorwa? Reka tugishe inama umuhanuzi, Bibiliya, aho tudashobora kugira icyo twongeraho cyangwa dukuraho kuri Yo. Nitubikora, Imana izadukura mu Gitabo cy'Ubugingo. Bibiliya yaravuze muri Malaki 4 icyagomba kuba kuri uyu munsi, Ibyahishuwe 10, ubu Ibimenyetso Birindwi byagombaga gufungurwa kandi bikavuga ubu bwiru bwose bwahishwe abagorozi. Yavuze uburyo byagomba gukorwa. Biri muri Bibiliya, UKU NIKO UWITEKA AVUGA. Imana mu buryo bwuzuye, kandi butunganye yagaragaje ibyo kandi irabihamiriza ko ari ukuri kubw'ibimenyetso, ibitangaza mw'ijuru ndetse no mu bicu, ndetse n'ibindi mu myaka mirogwitatu n'itatu ishize. Mutekereza ko bazabyumvira? Oya, barapfuye. Bashyize ibiganza byabo mu bintu byishe icyo kintu cyose. Oya, ntabwo byaba...ibyo ntabwo bizigera biba.

71 N'igihe ibi bintu byabaye nibwo Dawidi yakangutse. Yoo, Mana, utwoherereze Dawidi ushobora

kubona aho ahagaze, uwo ushobora kureba hanze kandi akabona ko Imana yatanze isezerano ry'uburyo Igiye kubikora uyu munsi. Imana yarabivuze hano uburyo Ijambo Ryayo rizabikora.

Imana yabwiye Mikaya; Mikaya yagenzuye iyerekwa rye imbere y'abahanuzi maganane babanyacyubahiro. Yagerageje iyerekwa rye ngo arebe niba ari iry'ukuri. Areba inyuma kubyo abahanuzi bavuze mbere ye kugira ngo arebe ibizaba. Areba inyuma, kandi abona uwo Eliya uhagaze aho, aravuga ati, "Ahabu, imbwa zizarigata amaraso yawe nawe." Noneho, abona ko iryo yerekwa ryari rihuye neza n'Ijambo ry'Imana, hanyuma ararivuga; kandi yari mu kuri. Uko ni ukuri. Atitaye kucyo abasigaye bose bari kuvuga, agumana neza n'iryo Jambo.

72 Noneho, reka turebe iyerekwa dufite uyu munsi. Ni ukubaka insengero? Ese ni ikintu gishya? Ese ni ikintu gikomeye kigiye kuba, cyangwa ni urubanza? Murebe inyuma maze murebe urubanza rw'uyu munsi, murebe isizoni turimo kubamo.

Muravuga muti, "Nibyo, Imana ihabwe umugisha, ndi umunyakuri. Niyunze kw'itorero. Mfite impamyabumenyi mu buvanganzo. Nakoze ibi." Ibyo nibyiza cyane. Ibyo nibyo; ntacyo mbirwanyaho. Uko niko Dawidi yari; uko niko abatambyi bakiriya gihe bari bari; uko niko abanyatewologiya bari; ariko byari binyuranye n'Ijambo.

Imana yavuze uburyo izabikora uyu munsi, uburyo Izagarura ibintu byose, icyo Izakora nanone. Yasezeranye kugarura. Ibyo biratunganye neza neza. Muri Yoweli 2:28 Yasezeranye ko Izabigarura, "Nzagarura, niko Uwiteka avuga, imyaka yose kagungu yariye." Bafite... Murabona, ako ni agasimba kamwe. Ahubwo kari mu bihe bitandukanye by'ubuzima. Kandi igihe Ubugaturika bwatangiye kurya, hanyuma Abaluteri, Abametodiste, n'Abapantekote, ndetse n'ibyo byose hepfo, Iravuga iti, "Nzagarura buri kintu mw'itorero neza neza nkuko cyari kimeze mumirere yacyo ya mbere."

73 Murebe iyerekwa ijoro rimwe. Neza neza uwo Mugeni umwe yaje kuri uru ruhande. Nyuma y'uko uwo maraya atambutse hamwe n'amakanzu ye, hamwe n'ibyo bintu bya ntabyo muri ubu buryo, kandi babyina rock-and-roll, kandi biyita itorero ubwabo. Muravuga muti, "Byiza, twe ntabwo dukora ibyo." Uko niko Imana ibabona. Ntabwo ari cyo mwe mwibona ko muricyo; ni uburyo Imana ibabona. Nta muntu ujya wibona ko ari mu makosa. N'igihe wirebye mu ndorerwamo y'Ijambo ry'Imana, niyo ikubwira niba uri mu makosa cyangwa ntayo urimo. Iyo Dawidi ajya kuba yarakoze ibyo, Yajyaga kubona ko ari mu makosa. Iyo Ahabu ajya gukora ibyo, cyangwa abo bahanuzi bakaba barakoze ibyo, bajyaga kwibona ko bari mu makosa.

Umuhanuzi uhamirijwe yavuze ko Ahabu azapfa kandi imbwa zikarigata amaraso ye. Kandi ubuhanuzi bwe bwari kumwe nabyo. Hanyuma amenya ko yari mu kuri. Yewe na Yehoshafati agomba kuba yarabonye ibyo kandi akabimenya. Igihe Mikaya yabonye iyerekwa, ntabwo yari kumwe n'abantu bo muri kiriya gihe, ahubwo yari afite UKU NIKO UWITEKA AVUGA. Yari mu kuri.

74 Mwitegereze, turimo kuzana ibi bintu ubu muri iyi minsi igihe turi kubona isaha ikomeye iyo turi kujyamo. Mwitegereze Nicyo Dawidi yarimo agerageza gukora nawe. Mfite hano inyandiko ntoya kuri byo. Yarimo agerageza kuzana isanduku mu murwa wa Dawidi, iryo dini rye bwite.

Murebe hakurya inyuma igihe Umwami yavuze bwa mbere hano hepfo ku mugezi, "Nkuko Yohana Umubatiza yari yoherejwe kuba integuza yo kuza kwa mbere…" Mwenedata, Abasamble ntibashoboraga guhagarara kuri ibyo, habe n'aba United, bose hamwe. Hagomba kuba umwe uri ahantu runaka. Ah, bose bagombaga kubikora, Murabona? Neza neza. Bose hamwe bagombaga kubizana mu mazu yabo bwite.

Yashakaga kuyizana mu murwa wa Dawidi. Kubera iki? Nta hantu hari hayiteguriwe. Kandi iyo niyo mpamvu utajyana Ubutumwa mw'idini. Ijambo, isanduku, Kristo, uko yari ejo, uyu munsi, ndetse n'iteka, kandi ibihamya Bye byose, ntabwo wabizana mw'idini ryawe. Ntabwo bashobora kubyizera, kubera ko nta cyumba bifite. Ese Bibiliya ntivuga ko Yari hanze y'itorero ry'igisekuru cya Lawodokiya agerageza kwinjira? Nta mwanya waruhari mu murwa wa Dawidi, tutitaye kuburyo yakiranukaga kose, ndetse uburyo byari bikomeye, ndetse n'ibindi. Nabwo ntabwo wariwo mwanya; yari igiye kuba i Yerusaremu. Aho niho yagiye nyuma igihe umuhanuzi yababwiraga icyo bagomba kuyikorera. Murabona? Uko niko Dawidi yashakaga kuyizana mu murwa we bwite. Ntamwanya wayo wari uhari.

75 Kristo ni Isanduku yacu, kandi ntabwo bashobora kuyakira. Kristo ni Ijambo. Ntabwo bashobora kuyakira. Bashaka imihango yabo, amadini yabo, isanduku nshya, cyangwa ikintu gishya cyo kwikorera. Barashaka idini ngo abe ariryo ryikorera, isanduku nshya. Mwibuke, Kristo Sanduku yacu. Mwizera ko Kristo ari Ijambo? Uwo niwe Sanduku noneho. Ese siko biri? Niko biri. Kristo ntabwo yahekwa mu mwanya We ukwiriye binyuze kw'igare rya kidini. Akorana n'umuntu umwe ntabwo ari itsinda. Ntabwo yigeze akorana n'itsinda; umuntu umwe. Igihe Yavuze ntabwo azigera... Aramutse abikoze yaba anyuranye n'Ijambo Rye, muri Amosi 3:7. Kandi ntabwo yatuma ribeshya. Oya, mugabo. ni ukuri.

Ariko murebe, baragerageje… Isanduku ntabwo yatwarwa n'idini; hari imitwe myinshi muri ryo. Murabona? Ntabwo byashoboka. Yasezeranye ko atazabikora, Kandi ntabwo yashobora kubikora. We

yaravuze ati, igihe yasezeranye… igihe yasezeranye kubikora mu buryo bundi runaka, iyo niyo mpamvu Yasezeranye ko atazabikora. (Ntimugatekereze ibyo bitekerezo. Nshobora kubyumva. Murabona?)

76 Nuko We yasezeranye ko Azabikora mu buryo runaka, kandi ikindi kintu kinyuranye nabyo ntabwo Yabikora. Murabona? Ariko binyuze mu nzira ye y'umwimerere bikurikije icyo Yavuze muri Amosi 3:7, iyo niyo nzira azabikoramo. Kandi ibi bigomba kuba bihamirijwe kandi bifite gihamya ko ari ukuri. Noneho, muzi icyo yasezeranye uyu munsi, noneho irabikora uyu munsi. Ibyo nibyo nyakuri Yavuze Izakora, Izafungura Ibimenyetso Birindwi, ndetse n'ibyo byose Izakora; ihishure ubwiru aho inyuma, n'uburyo imibatizo n'ibintu byose byavangavanzwe. Kandi hano ikaba iri mu mwanya Wayo nyirizina. Ubushakashatsi burabihamya. Ijuru ryarabitangaje. Umuntu uhagaze, arimo abireba neza kandi abibona birimo kuba. Kandi nta kintu na kimwe Yavuze atagize ukuri. Ngaho aho muri. Kugira ngo mubashe kubona aho turi uyu munsi.

77 Noneho, umuntu wese ufite imyuka ye azi… ufite Umwuka w'Imana kuri we, aziko ibi ari ukuri; kubera ko Umwuka w'Imana udashobora kuvuga ibinyuranye n'Ijambo. Oh oya, Uzaba uhuye neza n'Ijambo. Muravuga muti, "Mfite Umwuka Wera. Navugije akaruru; navuze mu ndimi. Nabyinye mu Mwuka." Ibyo ntacyo bisobanuye ku Mana. Murabona? Dawidi yakoze ibintu bimwe hariya inyuma. Baririmbye n'imbaraga zabo zose, kandi yavugije akaruru n'imbaraga ze zose; abasigaye bose barabikoze, kandi nyamara barimo kujya mu rupfu. Uko ni ukuri. Ibyo ntacyo bifite gukora naryo; Ijambo niryo rifite agaciro, Ijambo ry'Uwiteka. Abo bategereza Uwiteka. Yego, mugabo.

78 Murabona, abo bafite Umwuka w'Imana muri bo bareba kw'isezerano ry'umunsi, kandi barabyitegereza, ndetse bagategereza kugeza babibonye, kandi hanyuma bakavuga bati, "Ibyo nibyo." Imana yarabibahishuriye.

Kimwe na Natanayeli… Filipo yaragiye abona Natanayeli, kandi Natanayeli aravuga ati, "Noneho, mutegereze umunota umwe ndabizi ko ari ibyasezeranijwe, ariko reka mbanze mbirebe." Kandi igihe yabibonye, aravuga ati, "Ibyo nibyo."

Umugore yaravuze ati, "Noneho, ndabizi, numvishe amoko menshi y'abanyatewologiya. Nakoze ibi na biriya. Kandi nasomye Bibiliya njyewe ubwanjye, kandi nziko hari Mesiya ugomba kuza kandi uzakora ibi bintu, ubwo ugomba kuba uri umuhanuzi We."

Aravuga ati, "Ndi We."

Aravuga ati, "Muze, murebe Umuntu, Ese ni We." Yarategereje kugeza abonye Mesiya agaragajwe n'Ijambo ry'Imana. Hanyuma aravuga ati, "Ibyo nibyo twategereje imyaka maganane. Ntabwo twigeze tugira umuhanuzi cyangwa ikindi. Nguyu hano, kandi We ubwe Yavuze ko ari We Uwo. Noneho... [Umwanya uriho ubusa kuri Kasete—Ed.] Muze murebe Umuntu umbwiye ibyo nakoze." Ariko abatambyi bashakaga kumwica, kandi amaherezo barabikoze. Murabona? Ariko ntibashobora kwica Umwuka We uyu munsi. Uko ni ukuri. Oya, ntabwo bashobora kwica Uwe... Wari uri hano kugira ngo utuzane mw'imbere, bityo turabishimiye.

79 Mwitegereze uburyo Imana ikomeye, uburyo imirimo Yayo ikomeye, uburyo Idashobora kuneshwa. Noneho, Imana yatanze inzira y'umwirere yo gukora ibintu, kandi Ntabwo izigera ibikora uburyo bunyuranye n'ubwo.

Noneho, Yasezeranye ko mu minsi yanyuma hari icyo Azakora. Azatwohererereza Ubutumwa, kandi ubu Butumwa bugomba kuba bufite ibihamya nk'ibyo Eliya yari afite, nkuko Elisa yari abifite, kimwe na Yohana Umubatiza yari abifite. Kandi Bugomba kugarura imitima y'abantu, atari kw'idini, ahubwo inyuma ku mwimerere, abo kuri ba data b'intumwa, inyuma kw'Ijambo. Kandi n'uburyo ibi bintu byahamirijwe. Uburyo mu kuvuza impanda kwa marayika wa nyuma , Ibyahishuwe 10, mu minsi ya marayika wa karindwi ubu bwiru bwose bwari... Kubera iki Abametodiste bakora ibi, n'Ababatista, ndetse Church of Christ, n'Abayehova, bose bakora ibyo? Ubwo bwiru bwose bugomba guhishuka mu minsi ya nyuma igihe abamarayika barindwi... Ubutumwa bw'abamarayika barindwi, igihe we, atari igihe we atangiye gukora ibi, ahubwo igihe atangiye gutangaza Ubutumwa bwe. Murabona? Atari mu myaka y'imyiteguro, ahubwo igihe atangiye gutangaza Ubutumwa, ubu bwiru noneho buzahishurwa. Kandi hano niho bari, batabimenye, kandi mwe bantu muri abahamya b'ibyo. Kandi noneho muri uko kureberera gukomeye... Uko niko isi izaba iri mugushidikanya...bazaba bari kwibaza icyabaye.

80 Muri Tucson abo banyamakuru bakomeye bafashe ifoto yabyo aho haruguru, n'ubu baracyibaza icyabaye. N'ikihe kibazo? Baracyabishira mu binyamakuru bati, "Ese hari umuntu ufite icyo azi kuri byo? Icyo aricyo, n'uburyo bigomba kugenda?" Nta gicu cyari gihari aho; nta mwuka wari uhari, nta bukonje bwari buhari, Ibirometero mirongwine n'umunani hejuru. Oh, mbega. "Hazaba ibimenyetso mw'ijuru hejuru. Kandi igihe ibi bintu bizabaho, umutingito ahantu hatandukanye, hanyuma hazaboneka ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu." Uwo munsi (muri Luka) Umwana w'umuntu azihishura Ubwe nanone, kandi abe yihishuye Ubwe. Kandi isi izaba iri mu mimerere nk'iya Sodomu na Gomora. Oh, mbega, benedata, benedata, ntabwo twaba abantu batita ku bintu by'umwuka. Murabona? Mushake mu Byanditswe kuko ari muri Byo mutekereza... ko mufite Ubugingo buhoraho, Kandi ni Byo bihamiriza Ijambo. Ni Byo bihamiriza

Ukuri, ibintu Imana irimo gukora kuri iyi saha.

81 Kandi noneho, mwitegereze. Abo bafite Umwuka w'Imana bategereza ibi bintu. Kandi igihe babonye ibyo bintu, barabyizera. Yesu yaravuze ati, "Nta muntu waza aho Ndi keretse Data amureheje, Kandi abo bose Data Yampaye (We ni Ijambo.), bazaza kuri Njye... Bazaza kuri Njye."

Nabaye uvuga ibikomeye iki gitondo. Murabona? Bategereje Umwami, baretegereje; kandi igihe babikoze, kandi babonye iryo sezerano ry'uyu munsi rigaragazwa, bihembura kwizera kwabo mw'Ijambo, kubera ko yasezeranye kubikora, kandi hano arimo Arabikora. Noneho nta gushidikanya. Imana iravuga; Ijambo Ryayo niryo rivuga mbere, kandi hanyuma Umwuka ukazira gukora ibyo Ijambo Ryavuze ko Uzakora. Oh, dufite ubwiganwa bwinshi. Kandi tuzakomeza kugira bwinshi, abantu b'imitima y'ukuri bagerageza gukora ibintu muri iyi nzira cyangwa muri iriya, ariko murebe ikibaho. Abantu bazashyiramo ibiganza byabo, kandi hanyuma bapfe. Murabona?

82 Mwitegereze, nta gahunda ya kidini y'umuntu izigera ikora. Kwishakira abanyamuryango kubwabo bikorera isanduku ya kidini… Imana ntabwo yigeze igira idini. Nta nubwo izigera igira idini. Kandi n'ibintu byakozwe n'intoki z'umuntu.

83 Kandi ndibaza uyu munsi niba ibyo twashushanyije byose n'ibyo biterane bikomeye n'ububyutse, niba tutarimo twuzuza inkuge y'Abametodiste, inkuge y'Ababatista, inkuge y'Abapresbyteriani. Noneho bimeze bite ku Nkuge ya Kristo, Ijambo? Kandi niba Umugeni agomba kuba Ijambo, noneho niko agomba kuba... Kandi akaba uwa Kristo, igihe cy'Umukwe. Agomba kuba Ijambo, atari Ijambo ryo mugihe cy'Umukwe, ahubwo Ijambo ry'iki gihe iryo Yasezeranye ko rizaba muri iyi minsi, ko Azohereza Ijambo Rye ngo rize guha Umugeni We isura no kumugira Umugeni. Ndizera ko turimo kubibona. Ntimukagire ibitekerezo byanyu bwite noneho, kandi ntimugafate ibitekerezo by'undi muntu wundi. Mufate Ijambo rihamirijwe hano, Bibiliya. Iravuga iti...

Imana yasezeranye mw'Ijambo Ryayo uburyo izatoranya Umugeni Wayo muri iyi minsi. Ese mwamenye ibyo? Yarabisezeranye, Uburyo izabikora, kandi ibyo binyuze muri gahunda Yayo y'umwimerere yo guhitamo Kristo, yo guhitamo igihe, guhitamo sizoni uburyo we... Ntabwo ibyo yabiyoberwa ku Mugeni We, kubera ko n'igice cy'iryo Jambo. Ntabwo yaritoranya inyuze mu idini mu gihe itigeze itoranya Kristo inyuze mu idini. Ese Kristo yigeze aza kw'idini? Ese yigeze aza biturutse mw'Idini? Oya. Baramwanze. Nibyo, ibyo nibyo idini yakoze noneho; noneho igihe yatoranije Umugeni, ese Yaza mu zindi nzira izo arizo zose? Ni gute Yazanye Kristo hano? Binyuze mu Ijambo ry'abahanuzi. Ese uko ni ukuri? Ni gute Izazana Umugeni Wayo hano? Binyuze mu Ijambo ry'abahanuzi. Ni gute Yamugaragaje igihe Yazaga? Binyuze ku mugabo ufite umwuka wa Eliya kuri we uje aturutse mu butayu. Ni gute izagaragaza Umugeni We? Yasezeranye muri Malaki 4 icyo kintu kimwe mbere y'uko irimbura isi nkuko byari mu minsi y'iSodomu.

84 Mwibuke, Sodomu yarahiye. Ese siko biri? Nibyo, n'iyi si igomba gutwikwa. Yesu niko yavuze. Kandi aza ari igihe nk'icyo Luka ibice 17 umurongo wa 30 uvuga uti, muri iyo minsi bizaba bimeze nk'i Sodomu n'i Gomora, hanyuma Umwana w'umuntu azahishurwa. Kandi hanyuma ni iki kizaba? Dukurikije Malaki Azatwika isi nanone, kandi abakiranutsi muri millennium bazagendera hejuru y'ivu ry'abanyabyaha. Ese siko biri? Murabona? Noneho turi kw'iherezo ry'igihe. Duhagaze hano ku muryango dutegereje ko aza.

85 Mwitegereze, Imana yasezeranye mw'Ijambo Ryayo ko Izahitamo Umugeni Wayo binyuze mu nzira Zayo z'umwimerere nkuko Yahisemo Umukwe. Ibivuga mbere binyuze mu bahanuzi kandi yohereza umuhanuzi kubigaragaza. Umuhanuzi aravuga, yicaye aho ku nkombe za Yorodani, "Dore...."

Baravuga bati, "Uri Mesiye, Ese uri we?"

Arabasubiza ati, "Oya, ntabwo ndi Mesiya."

"Ugomba kuba uri Mesiya."

"Ariko ntabwo ndi We, ahubwo Ahagaze hagati muri mwe. Kandi inkweto Ze, ntabwo nkwiriye kugira ngo nzihambure imishumi. Igihe aje, azigaragaza…" Kandi uyu munsi ahagaze hagati muri twe mu ishusho y'Umwuka Wera, arimo yigaragaza cyane kurushaho, aza mw'itorero, yimenyekanisha ubwe; kubera ko We n'Umugeni, n Umukwe, bazaba ari ikintu Kimwe, yigaragaza Ubwe. Kandi umunsi umwe muzabona ko Umwe mwumvishe mu mitima yanyu ndetse mukabona kwigaragaza Kwe, azahinduka umuntu imbere yanyu. Hanyuma wowe na We muri Umwe. Wiyunze n'Ijambo, kandi Ijambo ryari mw'itangira rizasubira inyuma kw'itangira ariryo Mana. "Kandi uwo munsi muzamenya ko Ndi muri Data, Data muri Njye, Njyewe muri mwe, kandi namwe muri Njye." Halleluya. Turi hano. Halleluya. Ndanezewe kumubona yigira umuntu Ubwe hagati muri twe kandi tukabona ibyo yasezeranye kw'Ijambo, atari ayo marangamutima y'umuntu wundi, uririmba, kandi witera hejuru, ndetse ubyina, ahubwo binyuze mw'Ijambo Rye (Amena.) Ariko kwigaragaza Ubwe.

86 Murebe igihe bazanye… kandi bubaka urusengero maze bazana isanduku muri rwo, Imana yinjiye aho n'Inkingi y'Umuriro. Amena. Yari Dawidi urimo usimbuka kandi asakuza. Byari abaririmbyi bose n'abatambyi barimo bakora ibyo kandi bari hanze y'ubushake bw'Imana. Ariko igihe Imana yerekana isanduku mu

mwanya Wayo n'urwego, mbere y'uko bajyana isanduku hariya, hano haza Inkingi y'Umuriro iyoboye mu nzira, imanuka aho ku mababa y'abakerubi nuko yinjira aho inyuma ahera h'ahera, ahantu Hayo ho kuruhukira, Inkingi y'Umuriro. Kandi ubwiza bw'Imana bwarimo aho kugeza batabasha kubona uko bakora. Amena. Bifunga amaso y'abanyatewologiya igihe Aje kubw'Umugeni We. Azamuzamura aho hagati mw'ijoro, nkuko byari biri, kuri bo. Nta nubwo bazamubona Agiye. Oh, icyabahiro kibe icy'Imana.

87 Mwitegereze. Imana yasezeranye ko izasohora Umugeni Wayo hanze, icyo Izakora, Hazaba imbuto; hazaba Umucyo mu gihe cya nimugoroba, ni gute Izakora ibi bintu byose, neza neza, kandi binyuze mu nzira iyo Yateguye mu buryo bw'umwimerere aho mw'Isezerano rya Kera no mw'Isezerano Rishya. Kandi binyuze mu madini. Ntabwo bizanyura mu mikorere yacu dukoresha uyu munsi. Turimo turatera urupfu. Dutuma abantu bashyiramo ibiganza byabo kandi bakicwa nabyo. Murabona?

88 Ijambo... Ubutumwa bwa nimugoroba bugomba kuzana ibisubizo bya nimugoroba. Ubutumwa bwa nimugoroba bubiba imbuto za nimugoroba, atari imbuto za mugitondo, imbuto za nimugoroba. Ese siko biri? Ibyabayeho ku manywa hagati… imbuto zayo aho inyuma yari idini, kandi irapfa, irarimbuka. Ariko Ubutumwa bw'igihe cya nimugoroba buzerekana Umucyo w'igihe cya nimugoroba, uzerekana ibisubizo by'igihe cya nimugoroba. Ubutumwa bw'igihe cya nimugoroba... Igihe cya Yesu, ubutumwa bwo hagati mu munsi bwerekanye ibisubizo byo hagati mu munsi. Ubutumwa bwatangiye bwerekanye ibimenyetso byo kwitangira, kwakoze iremwa. Yaremye Umuhungu Wayo mw'ishusho Yayo hagati mu munsi. Nimugoroba imuremera Umugeni. Murabona? Ikoresheje iki? Ijambo Ryayo. Ni gute yaremye isi? Ni gute Yayibwiye ngo ibeho? Ikoresheje Ijambo. Ninde wari Umuhungu Wayo? Ijambo. "Mu itangira hari Ijambo, kandi Ijambo ryari kumwe n'Imana. Kandi Ijambo ryambaye umubiri maze ritura..." Nigute izafata Umugeni Wayo? Ikoresheje Ijambo, atari ibinyuze kw'igare rishya, bitanyuze mu bitekerezo by'abanyatewologiya, ariko ikurikije Ijambo Ryayo Izamugaragaza. Ntugire ikintu wongera kuri Ryo cyangwa urikure kuri Ryo ubu. Ubireke uburyo bimeze. Murabona?

89 Igihe cya nimugoroba, Yasezeranyije ko Izafungura Ibimenyetso Birindwi kandi yerekana icyo ayo matorero yabuze aho inyuma. Ibyahishuwe 10, na Malaki 4, Luka 17:30, Iravuga ngo Izabikora, noneho reka twe kuvangirwa. Reka tubigumane gutyo.

Reka njye mu gufunga… turi hafi, hafi nk'iminota cumi n'itanu kugeza saa sita; reka ndekere aha mu kuvuga ibi; Nshuti, mwumve mw'Izina ry'Umwami Yesu, ibi bintu biragaragara cyane kuburyo mutabyizera. Biragaragara cyane kuburyo burenze butatuma mubibona. Nyakuri mushobora kubibona. Nyakuri isi yashobora kubibona. Ariko gusa... Noneho, ntimukongezwe nibi bintu bishya by'amayeri n'ibindi bintu bafite uyu munsi. Ntabwo nitaye kuburyo umuntu ari mwiza uyu munsi, uburyo ari abanyakuri; niba batavuga uburyo bukurikije amategeko n'abahanuzi, Bibiliya yaravuze ngo nta Buzima buri muri bo. Murabona?

90 Dawidi yatekereje ko yari mu kuri; yari umunyakuri. Abo batambyi batekereje ko bari mu kuri; bari abanyakuri. Ariko bananiwe kugisha inama Imana kubijyanye nabyo. Kandi ni gute bari bubikore? Ahari baravuze bati, "Twarabisengeye." Ariko iyo ntabwo yariyo nzira y'Imana yo kubikora. Yasezeranye ko nta kintu izakora itabanje kugihishurira abagaragu Bayo aribo bahanuzi. Kandi aho hari hahagaze Natanayeli aho hagati muri bo, kandi ntabwo bigeze bamugisha inama na gato.

91 Noneho, dusome mu bice bike mu Ngoma aho, kandi muraza kubona aho Dawidi yari yicaye mu nzu maze aravuga ati, "Ese ni ibiratunganye(Natanayeli yari yicaranye nawe) ko naba mu nzu y'imiberoshi naho isanduku y'Imana yo ikaba munsi y'amahema hanze hariya." Kandi Natanayeli abona imbere y'Uwiteka icyo agomba kumubwira agakora.

Kandi yari yarakoze ibintu bibi, nuko Imana iravuga iti, "Ubwire umugaragu wanjye Dawidi, Ndamukunda. Namuhaye izina nk'umuntu ukomeye kw'isi, ariko ntabwo Namwemerera ko abikora (Murabona?); Yagiye ashyiraho amakosa. (Murabona?) Ntabwo namwemerera ko abikora. Nzazana umuntu aho; umuhungu we azubaka inzu ihoraho y'Imana." Kandi uwo yari Dawidi birumvikana. Ariwe Salomo yashushanyaga, ariko hanyuma arananirwa. Imana niyo yonyine idashobora kunanirwa. Ntabwo yananirwa. Hari ikintu kimwe Imana idashobora gukora, ni ukunanirwa. Kandi Imana ni Ijambo. Kandi Ijambo... Uko byagaragara kose ko bigiye kuza muri iyi nzira yindi, iza neza neza mu buryo Ijambo ryavuze.

92 Noneho, mwibuke, ugomba gukurikira sizoni, igihe. Murabona? Kandi ni sizoni ki murimo, n'ikihe gihe, kandi ikabihamiriza kugira ngo babone ko ari Ukuri neza neza.

Noneho, mufate aya mategeko yose, Ijambo ryose, ubwoko bwose, ndetse n'ibintu, kandi reba aho wicaye. Tekereza kw'isaha turimo kubamo. Reba hakurya aho hafi kimwe cya cumi cy'isi kiri hafi kuzimira. Ubushakashatsi niko bwavuze. Barimo kureba kw'isaha. Imyaka mike ishize baravuze bati, "Ni saa sita za nijoro zibura iminota itatu" Ishobora kuba umunota umwe; ishobora kuba igice cy'umunota ubu.

baravuze bati, "Ibyo ntabwo bizaba muri iki gisekuru cyacu."

"Bishobora kuba mu minota itanu." Kandi mwitegereze, ikindi kintu yavuze, "Imyaka itanu." Ntabwo nigeze mvuga ibyo ubu, yavuze ibyo, umushakashatsi. banyanyagiye muri Califonia nk'inzige. Murabona? Nibyo, igihe Lot yasohotse muri Sodoma, icyo nicyo gihe umuriro wamanukiye isi. Umwe muri iyi minsi Imana izafa ubu Butumwa bwacu, kandi tuzava hano. Hari ikintu kizaba muri icyo gihe, igihe itorero rigiye, Umubiri We, Umugeni We

93 Noneho, Ndashaka kubasomera Ibyanditswe, kandi ndashaka ko musomera hamwe nanjye. Ndashaka ko turambura mu gutegekwa kwa kabiri ibice 4 mu gufunga. Ndatekereza ko ibihagije ahari byavuzwe ku buryo mushobora gusobanukirwa. Gutegeka kwa kabiri 4, ngiye gusoma ahantu habiri hano. Kandi kuri iri torero, no kuri kasete... abantu bari kuri kasete, kandi abantu bari ku matelefone aho mu gice cy'igihugu, ndashaka ko mwumva ibi neza kandi ntibibananire. Iki ni ikintu cyo Njye... Gutegekwa kwa kabiri ibice 4, ngiye gutangirira ku murongo wa 25 n'uwa 26. Mushobora kubisoma byose mugeze mu rugo, ariko kubwo gucungura igihe bityo dushobora gusohokera igihe, kubera ko ndagomba kugaruka nimugoroba, Uwiteka nabishaka. Mwumve uyu muhanuzi avuga. Yari avuye Imbere y'Imana. Yari azi ibyo arimo kuvuga. Mwumve.

> *Noneho mwa Bisirayeli mwe, mwumvire amategeko n'amateka mbigisha, muyitondere kugira ngo mubeho, mujye mu gihugu Uwiteka Imana ya ba sekuruza banyu ibaha mugihindūre. (Ibyo bishushanya Ingoma y'imyaka igihumbi)*
>
> *Ntimukōngere ku mategeko mbategeka, ntimukayagabanye...(Ntukagire ikintu wongera kuri Ryo kandi ntukagire ikintu ukuraho kuri Ryo. Ugumane nabyo, uvuge gusa icyo rivuze.)... mubone kwitondera amategeko y'Uwiteka Imana yanyu mbategeka.*
>
> *Amaso yanyu yiboneye ibyo Uwiteka yakoze... n'ibya Bāli y'i Pewori, kuko Uwiteka Imana yanyu yarimbuye abantu bose bakurikije ibya Bāli y'i Pewori, ikabakura hagati muri mwe. (Noneho, mwatandukanye n'abantu musohoka muri ayo madini. Murabona, murabona?)*
>
> *Ariko mwebweho, abifatanije n'Uwiteka Imana yanyu muracyariho mwese uyu munsi. (Ntabwo mwapfanye n'amadini; muracyari bazima ubu kandi Imbere y'Imana. Mwumve neza ibi ntibibacike)*
>
> *Umurongo wa makumyabiri na gatanu. Noneho, igihe bagiye mu gihugu, noneho murebe icyabaye.*
>
> *Ubwo muzaba mubyaye abana n'abuzukuru, kandi mwe...mukaba mumaze igihe kirekire muri icyo gihugu, nimwiyonona (Ibyo nibyo byabaye)... mukarema... igishushanyo kibajwe... (ikindi kintu)... mu ishusho y'ikintu cyose, mugakora icyo Uwiteka Imana yawe ibona ko ari kibi mukayirakaza, (Mwumve.)*
>
> *uyu munsi ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja,…(Murabona?)... yuko muzarimbuka vuba, mukarangira mu gihugu…(cyangwa ahantu)... mwambuka Yorodani mujyanwamo no guhindūra, ntimuzakimaramo igihe kirekire, ahubwo muzarimbuka rwose.*

94 Uyu yari Mose uvugana na Isiraheli nyuma yo guhamirizwa n'Imana binyuze mu Nkingi y'umuriro kandi yamenwe ko yahamirijwe ko ari umugaragu w'Imana kugira ngo abasohore. Kandi mbere y'uko bajya mu gihugu, mbere y'uko binjira, Mose yaravuze ati, "Noneho, amagambo nababwiye, ndatangaho ijuru n'isi umuhamya uzabashinja. Nimuramuka mwongeyeho ikintu kuri Ryo cyangwa mukagira icyo mukuraho, ntabwo muzatura mu gihugu aho Uwiteka abaha." Uko niko mvuze mu Izina rya Yesu Kristo. Ntukongereho ikintu. ntugakureho... gushyira ibitekerezo byawe bwite muri byo. Ujye uvuga gusa ikivuzwe kuri aya makasete. Ukore gusa icyo Uwiteka Imana yawe yagutegetse gukora. Ntukagire icyo wongeraho

95 Igihe cyose arinda Isezerano rye kuri twe. Buri sezerano ryose Yatanze Ararinda. Ese yigeze akubwira ikizaba, kandi nticyaba? Ndazana ijuru n'isi imbere yawe nk'igihamya, hari ubwo Imana yigeze ivuga ikintu maze ntigisohoze kandi ngo ikore neza neza icyo Yavuze ko izadukorera? Ese ntabwo Yabikoze nkuko yari Yavuze ko Izabikora? Niko byagenze neza neza. Uko niko Izakomeza kubikora. Nuko ntukagire icyo wongeraho kuri Ryo. Ntukagire icyo ukura kuri Ryo. Uryizere gusa kandi ugendere imbere y'Uwiteka Imana yawe uciye bugufi, kubera ko turi hafi yo kujya aho mu gihugu. Noneho ntabwo muzagaruka. Ntabwo muzongera kugaruka muri ubu bwoko bw'ubuzima ukundi. Muzagaruka nk'ibizima bidapfa. Muzagaruka igihe icyaha kizaba cyakuweho, igihe Satani azaba aboshye. Kandi muzaba kuri iyi si imyaka igihumbi iyo Umwami Imana yanyu yabahaye. "Kubera ko abagwaneza bazaragwa iyi si. Hahirwa ukora amategeko Ye yose, kugira ngo agire uburenganzira bwo kwinjira mu murwa; kubera ko hanze hazaba abarozi, ababeshyi, abasambanyi, n'imbwa; ntabwo bazinjira hariya imbere." Ni ah'abacunguwe n'abo bagendera mu mategeko Ye.

96 Ntimufate ibyo bintu bishya. Birimo biguruka ahantu hose, kandi hazaba ibiruta ibyo bizaza. Ariko ntimugafate ibyo bintu bishya. Umwami Imana yawe yakugaragarije ikiri Ukuri icyo ari cyo. Umwami Imana

yawe yahamirije ikiri Ukuri ikoresheje Ijambo Ryayo ndetse ikoresheje Umwuka Wayo. “Si kubw'imbaraga, si kubw'ububasha, ahubwo kubw'Umwuka Wanjye.” Kandi Umwuka... Imana ishaka ko abo bayiramya mu Mwuka no mu Kuri... “Ijambo Ryawe ni Ukuri.” Kandi birahamirijwe byuzuye ko Yesu Kristo ari uko yahoze ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Yaberetse imbuto za nimugoroba. Yarabibahishuriye mw'Ijambo. Yarabibahamirije binyuze mu Mwuka Wayo.

97 Ntuzigere na rimwe utangira cyangwa ngo ugerageze idini. Ntugerageze kubaka ku kindi kintu kindi, ahubwo ube uciye bugufi imbere y'Umwami Imana yawe, kuko bisa nkaho amarembo ashobora gufunguka ajya mu gihugu cy'isezerano vuba aha. Noneho reka twinjireyo hamwe n'indirimbo z'ukuri no kunezerwa, igihe Umugeni n'Umukwe bafashe umwanya ku ntebe y'ubwami.

Mubeho mu guca bugufi; mubeho mu rukundo. Mukundane umwe ku wundi. Ntimukagire ikintu mugira hagati muri mwe. Igihe mubonye ikintu gitangiye gukura mu mitima yanyu kirwanye umuntu runaka, mukivanemo aho ako kanya. Ntiwemere… Kandi Satani azakora uko ashoboye kugira ngo aze hagati muri mwe. Murabona? Ntimukemere ko ibyo bibaho. Abantu bamwe b'akarimi bazaza aho kandi bagerageze kugukura kuri byo. Utekereza ko bari kwemeza Mose kuva Imbere y'Imana aho yahagaze kandi akaba Yarayibonye? Oya, mugabo. Oya, Ntabwo tugira icyo dukuraho cyangwa ngo tugire icyo twongeraho. Gusa tubikurikiza uko Umwami yabivuze. Nta dini dukeneye; Nta mashyirahamwe dushaka. Nta bugome dushaka; nta mpaka dushaka. Turashaka Imana; Kandi Yo ni Ijambo. Noneho, reka twubike imitwe yacu.

98 O Mana, narebye hose n'amaso y'umwuka; ngerageza kureba ikirimo kuba. Mbona Ijambo Ryawe, uburyo ryahamirijwe, uburyo ryatangiwe ibihamya. Iyo nzira yose kuva mu myaka mirongwitatu n'itatu ishize, kandi Urimo Gukora ibyo Wavuze. Kandi Wakoze icyo Wavuze gusa. Mwami, bibe kure yacu ko twagerageza kubigira bito cyangwa tukagerageza kubigira binini. Ahubwo tubirinde uko wabiremye. Kandi tugende twicishije bugufi maze tugukurikire.

Aba ni bo, Mwami, abo wahaye umurimo wanjye hatarimo aho basinziriye aho mugihugu, aho hose mw'isi. Ibituro hano bifashe benshi muri abo bategereje, abera bahawe umugisha. Ariko bimeze nkuko byavuzwe, twe abazima kandi bakiriho ntabwo tuzabanziriza abo basinziriye. Impanda izavuga, abapfuye babanze bazuke; hanyuma tuzamurwane nabo. Igihe ubwiza bw'Imana buzaba burikw'isi, buzahisha itorero kure y'isi. Ntanubwo bazababona igihe bazagenda.

99 Data Mana, aba ubarindire mu biganza Byawe. Ni abawe. Ndasenga, Mana, kugira ngo tugendere imbere ya We mu guca bugufi. Ntabwo tuzi igihe bizamara. Ntabwo twifuza kumenya igihe bizamara; ntabwo ari inshingano zacu. Izo ni inshingano za We. Ntabwo ari ubushake bwacu kumenya igihe uzazira, ubushake bwacu, Mwami, kuguma mu gucabugufi kugeza igihe Uzazira, kandi tukajyana na We. Ni ukwifuza kwacu kuri Wowe kureka Wowe Ubwawe ukamenyekana indi nshuro mu gihe runaka, Data, hagati muri twe, ibyo dushobora kubona ko tukirimo kugendana na We.

Utubabarire Ibyaha byacu byahise. Utuyobore kandi Uturinde buri mutego w'umwanzi mu gihe kizaza. Utuyobore kandi utujye imbere, O Mana Data. Utubabarire ibyaha byacu kandi udufashe kuba abana Bawe. Turi abantu bo mu gice cy'abakene. Turi ibicibwa muri rubanda rw'iyi si, kubw'amatorero y'amadini. Tubona iherezo, kandi turagushimira kubw'imirebere y'umwuka mw'Ijambo Ryawe kugira ngo turebe iherezo ry'igihe. Kubera ko ibi bintu byose bigomba kuza kuri uko guterwa amabuye avuye mu ijuru. Dufashe, Mwami, kugira ngo tutazaba hano kuri uwo munsi, ahubwo tuzabe twagiye aho mu Bwiza, twigurutse twaje mu gituza Cyawe.

100 Ukize abarwaye n'abaguwe nabi, Mwami. Turasenga kugira ngo nimugoroba uze Kuduha amateraniro akomeye; reka aho he kubamo umuntu ufite intege nke hagati muri twe kubwo kugaragara Kwawe, Mwami. Reka imitima yacu ikomeze kwikomeza kuri Wowe. Kandi tuziko, Mwami, ayo mafaranga, amazu, ibintu by'isi nta busobanuro bifite, kuko ari iby'igihe gito. Byose bigomba kugenda. Umurimo wacu, umwanya wacu, inshuti zacu, buri kintu kigomba kugenda. Uko twaba dukize kose, uko twaba abakene, uko twakwamamara cyangwa ntitwamamare uko turi, byose bigomba kugenda. Ariko hari ikintu kimwe kubaho kwacu kwishingikirijeho, kandi uwo ni Yesu Kristo. Noneho Mana, reka dushyire buri kintu cyose iruhande icyo kitari icy'ibanze maze twikomeze kuri We; kandi We ni Ijambo (Ubiduhe, Mwami.), Ijambo rihamirijwe ry'igihe.

Ijambo rihamirijwe ry'igihe cya Mose ni Yesu. Ijambo rihamirijwe ry'igihe cya Yesaya, Eliya, Yohana, bose, ryari Yesu. Kandi Ijambo rihamirijwe ry'uyu munsi ni Yesu, ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Udufashe, Mwami, kwizera ibyo, kubona ibyo, no kubigenderamo. Turabisaba mu Izina rya Yesu.

101 Hamwe n'imitwe yacu yubitse, ndibaza niba hari bamwe bari hano batari nyakuri bagira ibyo muburyo bukomeye, ndetse bihagije.. Murabyizeye, ariko kwizera ntibihagije. Nizera ko umugore wanjye yari umukobwa mwiza. Nari nzi papa we na mama we. Narimuzi imyaka n'imyaka. Yabagaho ubuzima butunganye. Nizera ko yari umugore mwiza, ariko ibyo ntabwo byamugira uwanjye. Ntabwo yigeze aba uwanjye kugeza mwemeye, aranyemera. Noneho, Yesu arashaka kukwemera. Ese ntiwamwemera maze ugahinduka igice cy'Ijambo Rye? Niba utarakora ibyo, hamwe n'imitwe yanyu yubitse n'imitima yanyu yunamye, ndizera...

102 Nta cyumba dufite hano cyo kujyanamo abantu ngo bapfukame imbere y'igicaniro. Ntabwo ndi kuri byo cyane. Nizera ko Imana igusura aho uri aho. Ese washobora kuzamura ikiganza cyawe, ukavuga uti, “Mwenedata Branham, unyibuke mu masengesho. Ndashaka gukora ibyo.” Imana iguhe umugisha. Mbega, ibiganza ahantu hsoe. “Ndashaka ko muba nka gutyo.” Imana ibahe umugisha, mwenedata, kandi ibahe umugisha, mwenedata, mwese aho hose. “Ndashaka kuba ibyo.” Imana ibahe umugisha... “Ndashaka nyakuri kuba ibyo.” Ndabibona... Nibyo noneho, murebe, nshuti, aha ahari hashobora kuba hari ikintu gito… niba atari ibyo, noneho hari ikintu ushingiyeho ubuzima bwawe. Uri hafi yacyo cyane, urimo urareba kuri cyo. Urakibona. Wagiye ukibona imyaka myinshi kizamuka. Ukibona gikura ubu. Niba ibyo bisobanuye buri kintu cyose kuri twe noneho nta kindi kintu kiriho kuri twe usibye Ibyo, kubera iki utakubura umutwe wawe ukava kuri icyo kintu warebaga maze ukishingikiriza kuri We, ari we Huriro ry'Ubuzima bwawe bwose, byose biri aha inyuma ni We. Ese ntiwabikora mu gihe turimo gusenga?

103 Mwami Mana, hari ibiganza by'abagabo, abagore, abasore, abakobwa, yewe n'ababwiriza, bazamuye ibiganza hejuru. Bashaka kuvuga ko ubuzima bwabo bushingira ku Mwami Yesu, kandi nyamara basa n'aho batashobora kubikora; hari ikintu kibakuruye muri ubu buryo na buriya; bishobora kuba idini; bishobora kuba umuntu; bishobora kuba icyaha; bishobora kuba ikintu bari guhisha mu mitima yabo. Ntabwo mbizi, Mwami;wowe urabizi. Icyo byaba aricyo cyose, reka ubu, Mwami, mu gihe ku bandi Urimo urabahamagara… Wamaze kubahamagara; ni Abawe. Kandi igihe ubahamagaye, reka bihambure icyo cyaha kibaboshye, nkuko Bibiliya yavuze iti, “Duhunge icyo cyaha kituboha mu buryo bworoshye, kugira ngo twiruke dufite kwihangana iryo siganwa rishyizwe imbere yacu.” Tureba kuki? Ese kukazi kacu? Kw'idini yacu? ku mibabaro yacu? ku Nama? Tureba Kuri Kristo, Umuremyi n'Umusoza wo kwizera ko dufite muri We. Ukore ibyo, Data, kuri twe uyu munsi. Kubera ko tubisabye mw'Izina Rye kandi kubw'ubwiza Bwe.

Noneho, ni aba We, Mwami; Ubagirire ibyo Ubona ko Bibakwiriye. Utugirire ibyo ubona ko bikwiriye; turi aba We. Mu Izina rya Yesu. Amena.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kubera ko yabanje kunkunda,

Kandi ambonera agakiza kanjye

ku giti cy'iKaruvari.

104 Ese mwibagiwe ibiryo? Ese mwibagiwe niba abana bameze neza hanze hariya mu modoka cyangwa niba batameze neza? Mwibagiwe ibyahise byose kandi mwabashije kubona uko muri kwiyumva uyu mwanya? Birimo guhinduka ibifatika umunsi ku munsi. Murabona? Reka ibyo bibe urwishingikirizo rwa buri cyose... Reka ibisigaye muri byo bige kure; bigomba gupfa uko byagenda kose. Oh, mukomeze mumukurikire. Nkuko Elisa yakurikiye Eliya, reka tumukurikire. Kubera ko tugomba kuzamurwa umunsi umwe. Twabonye amagare y'umuriro ayo yamuzamuye avuye mu mva. Turayumva hagati muri twe ubu. Umunsi umwe azazitura amafarasi avuye mu gihuru. Tuzazamurwa. Ese ntimumukunda?

Kandi ambonera agakiza kanjye

ku giti cy'iKaruvari.

Oh, ese ntiwashobora gufunga amaso yawe maze ukamureba Amanitse hakurya?

Ndamukunda, (Ese ninde wundi nakunda?)ndamukunda,

Kubera ko yabanje kunkunda,

Kandi ambonera agakiza kanjye

ku giti cy'iKaruvari.

105 Buri gihe iyo ngarutse mu rugo, haba hari umuntu wagiye. Nkaba ndagiye mu mezi make, nagaruka; undi akaba yagiye. Igihe cyose ngira umubabaro. Undi munsi umuhungu twajyanaga kw'ishuri, arimo amanuka mu muhanda aravuga ati, “Bite, Billy”

Ndamureba; yahoze ari umusore mwiza w'uburanga, umusatsi mwiza utsitse ugana inyuma urabagirana. Noneho, ubu ni umweru umeze nk'urubura. Wahoze urambuye; inda yasohotse nka gutyo. Ndavuga nti, “Bite, Jim.” Ndamureba; numva mu mutima wanjye; ndatekereje, “Mana, uriya muhungu na njye, uriya muntu na njye turangana.” Noneho nziko iminsi yanjye ibaze. Ndabizi ko itaba myinshi kurushaho. Ndeba aho hose; ndatekereze, “Ni iki nakora, Mwami? Umfashe. Ntabwo nshaka kugusiga. Ndashaka kuguma inyuma Yawe. Unyobore inzira. Maze ndareba, ndatekereza nti,”imyaka mirongwitanu n'itandatu, oh, mbega, ntabwo narenza iyi.“

106 Maze ndeba hasi, reba inshuti yanjye nziza Bill Dauch yicaye hariya, imyaka mirongwirindwi n'ibiri

cyangwa mirongwirindwi n'itatu.

Ndeba aho hose; mbona aba bana; baratekereza bati, "Nibyo, tuzategereza tungane na Mwenedata Branham, nzaba mbitekerezaho... " Mukundwa, ushobora kutazabona ibyo; ndashidikanya cyane ko wazabona ibyo. Murabona? Ariko tekereza, iyo Mwenedata Bill Dauch uriho muri iyi minsi, azarenza imyaka ijana hari abantu b'imyaka cumi n'itanu na cumi n'itandatu y'ubukuru. Bapfa buri saha. Noneho ni irihe tandukaniro rihari ry'imyaka waba ufite yose? N'iki urimo gukora kuri iyi saha urimo kubamo?Urimo urakorera iki Yesu muri iki gihe? Murabona? Oh, ndashaka kumubona. Ndashaka kureba iyi saha mbona ndetse no kureba iyi mibiri irimo guhinduka, kuyireba ihinduka mu kanya nk'ako guhumbya. Niba ibyo atariko biri, noneho twaba turi abantu benda kuba abasazi; mwakwirira, mukinywera maze mukishima kubera ko ejo muzapfa. Murabona? Mwaba muri kimwe n'inyamaswa; ugapfa ugahita ujya mu mwanda kandi bikaba bishize. Ariko hari gupfa... n'ubugingo budapfa buba muri wowe, mwenedata. Tubyumva bivuye mw'ijuru. Twabibonye bihamirijwe. Turabizi ko ari ko Ari, kandi agororera abongabo bamushakana umwete.

Noneho, abagize Umubiri wa Kristo, mu gihe turimo kuririmba nanone, ndashaka ko mwicara mu myanya yanyu kandi mukaramukanya umwe ku wundi mu gihe turimo kuririmba nanone.

Njye…(Noneho usuhuze mwene So, na mushiki wacu.) Ndamukunda,

Kubera ko (Richard...) Yabanje kunkunda,

Kandi ambonera agakiza kanjye

Kumusaraba iKaruvali.

107 Ese muramukunda, muvuge, Amena."[Iteraniro rirasubiza riti, "amena."—Ed.] Ese mukunda Ijambo Rye, muvuge, "Amena"[Iteraniro rirasubiza riti, "amena."—Ed.] Mukunda impamvu ye, muvuge,"Amena."[Iteraniro rirasubiza riti, "amena."—Ed.]Mukunda Umubiri We, muvuge, "Amena."[Iteraniro rirasubiza riti, "amena."—Ed.] Noneho murakundana umwe ku wundi. Amena. Uko niko biri." Ibi nibyo bazabamenyeraho ko muri abigishwa Banjye, igihe muzakundana umwe ku wundi."

108 Noneho, narambitse ibiganza byanjye kuri utu dutambaro. Niba muri butubone mbere ya nimugoraba… Ngiye guhamagara Mwenedata Richard Blair, Imana yasubije amasengesho ye, we na mwenedata, hano barimo basenga undi munsi. Kugirango bazane uwo muhungu muto uwo wicaye hagati muri twe uyu munsi, kandi ni muzima kubera kwizera kwabo mu Mana...

Noneho, ndagira ngo aze asengere gutandukana mu kanya gato, noneho dushobora kuza kugaruka nimugoroba. Ubu ni saasita n'iminota itanu kuri iriya saha. Kandi ndashaka ko mugaruka nimugoroba, niba mubishoboye, niba muri hafi aha. Niba mugomba kujya murugo, reka Imana ibihutishe mu nzira yanyu, kandi ibafashe, kandi ibarinde. Niba mushobora kuguma hano kandi mushaka kuhaguma, muhawe ikaze ryo kuhaguma. Imana ibane namwe noneho.

Kugeza tubonanye, kugeza tubonanye,

kugeza (reka turambure ibiganza byacu...) duhuriye ku birenge bya Yesu;

kugeza tubonanye, kugeza tubonanye,

Imana ibane na mwe kugeza twongeye kubonana.

[Mwenedata Branham atangira kuririmbira indirimbo bucece, iyo ndirimo imwe—Ed]

Uko niko musohoka mu nzu y'Imana, murimo musenga, muciye bugufi, mwizeye ko turongera guhura nimugoroba. Nitutongera Imana ibane na mwe… kugeza twongeye kubonana nanone.

Reka twubike imitwe yacu noneho. Mwenedata Blair.

MESSAGE hub online

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7

www.messagehub.info